# Ni Iki Gikurura Ku Musozi ?

Jeffersonville, Indiana USA

25 Nyakanga 1965

1 Twubike imitwe yacu ubu. Mana, Data wa twese, ni isengesho ryacu rivuye ku mutima, uyu mugoroba, iyo turebye ibyo ukorera abantu kuri uyu munsi. Noneho, turagusaba, Mwami, ko twashobora kwizera gusa, kwizera gusa ko ibi ari Ukuri, Ijambo ryanditse ritwigaragariza. Tanga ibi bintu, Data.

Noneho uyu mugoroba, turashaka kugushimira ku bw'umucyo wadushyiriye ku byanditswe iki gitondo. Kandi turagusaba uyu mugoroba, Mwami, guhamya mu murongo w'amasengesho ko Ijambo Ryawe ari Ukuri.

Turasengera insengero zose n'amateraniro ateranye, ahantu hose impande y'indangururamajwe ntoya, kuva muri iyi Leta kugera ku Gice cy'Uburengerazuba, aho mu misozi y'Arizona, mu bibaya bya Texas, kugera ku Gice cy'Iburasirazuba, mu gihugu hose, Mwami, aho bateraniye. Dufite amasaha atandukanye nk'uko turi mu gihe, ariko Mwami, duteranye uyu mugoroba nk'abantu bunze ubumwe, nk'abizera bategereje kuza kwa Mesiya. Turasaba, Data wo mu Ijuru, ko Wabyohereza mu gihe cya vuba ku Itorero Ryawe. Kuko tubisabye mu Izina Rye. Amina.

2 Mushobora kwicara. Insuhuzanyo za Gikirisitu ku bari aha bose uyu mugoroba. Ndababaye ko na none twegeranye cyane kandi tubyigana kugera aho dushobora guhumeka bigoranye. Ndetse n'ibyuma bihuha umuyaga, n'ubwo umwuka ari uwa ngombwa, ntacyo biri gutanga, hari abantu benshi. Iyo biza kuba gusa urusengero rwuzuye abantu mu buryo busanzwe, ibi byuma bihuha umuyaga byari butange ubuhehere. Ariko noneho, buri wese afite agahuha muyaga, arihuhira nyamara ibyuma bihuha umuyaga birahuha n'imbaraga uko bishoboye.

Twohereje intashyo, kuva ku Gice cy'Uburasirazuba kugera ku Gice cy'Uburengerazuba, ku nshuti zacu zose muri Kirisito zirikumva. Twohereje intashyo zacu kuri San Jose, kuri mwene Data Borders, ku itsinda riri aho. Twohereje intashyo zacu kuri Prescott, Arizona, aho mu misozi, kuri mwene Data Leo Mercier n'itsindi rye riri aho, ritegereje kuza k'Umwami, aho i Houston, Texas, ku bategereje Kuza k'Umwami, aho i Chicago, ku bategereje Kuza k'Umwami, aho ku Gice cy'Uburasirazuba, i New York n'i Connecticut, ku matsinda manini ari aho, ategereje Kuza k'Umwami. Nta mwanya dufite aha ngo tubicaze, gusa mu buryo bworoshye tugomba kuboherereza Ijambo dukoresheje telefoni. Twohereje intashyo zacu uyu mugoroba kuri mwene Data Junior Jackson n'itsinda rye aho i Clarksville; kuri mwene Data Ruddel n'itsinde rye, ku muhanda wa 62, bategereje Kuza k'Umwami. Kandi twateraniye hano muri uyu mugoroba ku rusengero rwo murugo, ingando, dutegereje Ukuza kwawe Mwamai.

3 Kandi noneho, benshi muri mwe wenda ntibari bari aha, mu iteraniro ry'icyo gitondo. Ariko nizeye ko abatari bahari bose bazafata iyi bande kuko nizeye ko bwari Ubutumwa bwa ngombwa cyane ku Itorero kuva ku Butumwa "Bagabo, ni gihe ki?" numvise gusigwa k'Umwuka, numvise nyobowe kuvuga ibyo navuze. Byari birebire, ariko numvise nyobowe kubikora. Kandi ndatekereza ko Umwami, ku bw'Ijambo Rye, yerekanye igihe turi mwo. Kandi twemere kumva neza ibi bintu by'ubwiru biri kuba. Murazi, Bibiliya iravuga iti "Abanyabwenge bazumva''.

Ariko amahanga n'abantu bazahinduka ''abanyantege nke cyane n'abanyabwenge cyane". Mubitekerezeho, impuzandengo y'imyaka y'Umunyamerika muri rusange ubu ni muri makumyabiri; ni umunyantege nke cyane ariko ni umuhanga cyane. Mu minsi ya kera, nta ndege z'intambara zari zihari ndetse n'intwaro za kirimbuzi, ariko twabagagaho igihe kirekire. Twebwe, tugenda tuba abanyantege nke cyane n'abanyabwenge cyane, ariko ubwenge bwacu bwite ni bwo buzatwica. Tuziyica ubwacu. Si Imana izatwica; ni ubwenge bwacu buzatwica. Ni ko byagenze kandi ni ko bizagenda.

4 Noneho, Umwami nabishaka, icyumweru gitaha, mu gitondo, sinari namenya icyo nzavugaho; ariko mfite icyizere ko Umwami, natureka tukaguma kubaho kandi ntihagire ikiba, kandi niba ari ubushake Bwe, dufite intego yo kuzana ubundi Butumwa, icyumweru gitaha, mu gitondo, na nimugoroba gusengera abarwayi icyo cyumweru kimwe. Nyuma, bizaba ngombwa ko nsubira mu rugo, muri Arizona, kugira ngo nzane umuryango wanjye; ndetse, abana bashobora kuziyandikisha ku ishuli. Ubwo rero muza… Tuzabamenyesha gusa, uko tuzabishobora, amateraniro uko azagenda ahinduka cyangwa amasaha tuza… ahantu dutekereza gukorera. Kandi Imana ibahe umugisha.

Noneho, uyu mugoroba, mu gihe tuzi ko ari… kugira ngo dutangire, maze gukererwa kimwe cya kane cy'isaha, ni saa mbiri zibura cumi n'itanu aha i Jeffersonville, ibi bituma biba hafi saa tatu zibura cumi n'itanu ku Gice cy'Uburasirazuba, mu gihe ari hafi saa kumi n'imwe ku Gice cy'Uburengerazuba. Aha ubu, turi hafi mu kurenga kw'izuba. Kandi ndashaka kubabwira, gukora rwose iteraniro rigufi, kugira ngo ngerageze kubona gusigwa k'Umwuka hanyuma nkahamagara umurongo wo gusengerwa.

5 Kandi ndifuza ko iri teraniro ndetse n'andi ateraniye ahandi hantu abona umuntu, mwene Data usizwe n'Umwuka, kandi igihe turi butangire gusengera abarwayi, agende arambike ibiganza ku abari mu iteraniro ryanyu. Mwibuke, Imana ibarebera hamwe icyarimwe, Iri ahantu hose. Ndetse na hariya i Texas, hariya muri Californie, hariya hejuru muri Arizona, aho mwaba muri hose, murambike ibiganza ku barwayi mu gihe

turi butangire gusengera abarwayi. Kandi nizeye ko Imana iribwumve isengesho kandi ikarisubiza.

Ikintu kidasanzwe, icyumweru gishize, nimugoroba, mu gihe gusigwa kwakomezaga kandi Umwuka Wera . . . Cyari ikintu gitangaje. Hari hashize amezi n'amezi nta mirongo yo kurondora nkora, kuva ikindi gihe nari ndi aha. Noneho, kwigira imbere hariya n'isezerano. . . Ntimuzi niba ari bubikore. Ntimushobora kuvuga ko ari bubikore. Mugomba gusa kwigira imbere hariya mugategereza. Arigenga. Akora icyo ashaka. Ariko mwe, muhagarare hariya mutegereze kureba icyo ari bukore, noneho mubyumve bibinjira nk'ibyo.

6 Noneho nyuma y'amateraniro, mu gihe ntarinzi uwo ari we, ariko hari umuntu ahantu mu murongo wari mukuru kandi wari utagifite umusatsi, kandi warurwaye cyane.

Noneho, rwose ku musozo, haboneka umuntu aha ku ruhimbi, yari yunamye kandi yagaragaraga nk'ubabaye. Yari yifashe ku gifu. Nahise nibwira ko agomba kuba ari wa muntu wa mbere cyangwa uwa kabiri cyangwa nkaba ntakibuka igihe namusengeye, kuko nta musatsi yari agifite kandi yari yunamye, umuntu ukuze kandi wububa. Ariko ndeba impande zose noneho mbona umuntu wicaye aho, ariko yari afite ibyishimo. Noneho ndatekereza nti: "Ni he?" Sinashoboraga kuvuga ahariho. Nashoboraga kubyumva no kubona umuntu imbere yanjye. Nabyumvaga biva kuri uru ruhande, kandi ibyo byavaga inyuma. Ndeba mwene Data Neville n'abo bandi babiri bicaye aha, ntibari bo. Ndavuga nti: "Uyu muntu ari imbere muri iyi nyubako nto, babatirizamo, aho inyuma". Muzi uwo yari we? Mwene Data Shepherd. Impamvu yatumaga ntashobora kumumenya ni uko yari yicaye aho inyuma asenga, umutwe wunamye.

Yatekerezaga ko yari agiye gupfa, yabitekerezaga kuva muri ibyo byumweru bya nyuma. Umugore we yamusabye kwigurira inkweto nshya noneho, arasubiza ati: "Nsinzazikenera, nsinzaba aha igihe kirekire".

7 Kandi yansanze undi munsi mu . . . aho mu rugo, kwa mwene Data Wood, yavugaga cyane kandi ashimira Umwami. Yaravuze ati: "Nshobora kurya inyama z'ingurube, amagi, inyanya, ibyo nshaka byose".

Kandi yatanze, mu kwicisha bugufi kose, ikicaro cye yigira aho inyuma, wenyine, gusenga. Murabona, ntimucyeneye ikarita yo gusengerwa. Mucyeneye gusa kwizera. Murabona? Noneho, sinarinzi niba yarakize cyangwa atarakize; gusa naravuze nti: "umuntu ari gusenga. Afite ikintu kitagenda". Ndatekereza ko ibyo byavuze icyo byari byo: "uburwayi bwo mu gifu kandi muri gusengera aha inyuma. Umwami Yesu arabakijije". Noneho, ni ibyo nashoboraga kuvuga. Gukurura [pull. - N.D.T.] kubaho kubera ko yasengaga. Nashoboraga kubibona, ariko sinarinzi ibyabaga. Murabona?

Ariko iyo mwumvise ibyo bigarutse, umuntu wese arabimenya, iyo bivuze biti "NI KO UWITEKA AVUZE." Murabona, si njyewe uba uvuze rero, ni We.

8 Ariko buri munsi ndavuga nti: "Yesu Kirisito yabakijije", ni Ukuri kuzuye. "Yakomerekejwe kubera gukiranirwa kwacu, dukizwa n'imibyimba Ye." Murabona? Murabona?

Ariko iyo ibyo bijyanye na ''NI KO UWITEKA AVUZE" kandi bikababwira icyo mugomba gukora n'ikigomba kuba, mubyitegereze ni ko bizagenda.

Ariko iyo mvuze nti: "Yesu Kirisito arabakijije kandi arabagaruye", mwebwe, mubyizere kuko Yamaze kubivuga. Nsubiramo gusa ibyo yavuze.

Kandi iyerekwa risubiramo gusa ibyo yerekanye. Murabyumva?

9 Noneho, twakwihuta tugahita twinjira mu Ijambo, kuko nzi ko benshi muri mwe aha bafite ibirometero byinshi byo kugenda uyu mugoroba. Ndasaba ko Imana ibaha umugisha, ibafasha kandi ikabarinda mu mihanda. Noneho ubu, ndashaka gufata Mutagatifu Matayo, igice 21, umurongo wa 1 kugeza kuri 11; muri Mutagatifu Matayo. Kandi noneho niba mudafite Bibiliya yanyu cyangwa niba mushaka kwandika ib'ibyanditswe, ni byiza cyane.

10 Ubu noneho, kuri mwe mutumvise Ubutumwa mu gitondo kandi mukaba mufite icyuma gifata amajwi, ntidushaka na rimwe kugurisha izi bande, nta kintu na kimwe dushaka kugurisha. Rimwe na rimwe, mu iteraniro rinini, bamenyesha ko hari ibitabo aho - inyuma; nta kintu na kimwe twunguka aho. Mwene Data Vayle ni we ubyandika. Ku bijyanye na bande, ubishinzwe azababwira ko tutunguka amafaranga aho. Nti tu . . . Si "amabande", ni Ubutumwa. Kandi nihagira uwishyira mu mutwe ko ari ubucuruzi bw'amafaranga, ubwo ntazongera gukora izindi bande. Ni byo. Nashatse amakuru kuri ibi, kandi ntekereza ko bande zacu zigurishwa hafi aho munsi y'amadorari atanu, cyangwa se hagati y'atatu n'atanu cyangwa ibintu nk'ibyo. Muravuga iki? Atatu cyangwa ane kuri izi bande nini kandi ndende.

Kandi nashatse amakuru ku bijyanye n'imwe muri bande z'umukozi umwe nsanga yaraguraga amadorari icyenda, ku butumwa bw'iminota makumyabiri cyangwa mirongo itatu.

11 Kandi, ndabona ko mwene Data Sothmann, aho inyuma, adakira, cyangwa umwe muri bo, hamwe n'izo bande bakora. Murabona, gukomeza birabagoye. Ntidushobora kubasaba kubikora ku busa kuko ni ngombwa ko bagura amabande n'ibindi bisigaye. N'amamashini, kugira ngo batangire, birahenda cyane,

bigura hafi ibihumbi icumi by'amadorari kugira ngo izi bande ziboneke.

Noneho, ndumva ko mu gihe gito nza . . . ntitwari twabitangaza, ariko hazabaho na none umurimo wo kumva amabande. Inshuro nyinshi cyane, twe . . . abayobozi, nta kintu mpuriyeho n'ibyo. Kandi sini . . .na rimwe muri rimwe muri ayo materaniro. Si mbirwanya - kandi sinabyemera. Batanga ibitekerezo byabo, abayobozi bafata icyemezo k'uwuzakurikira gufata amajwi n'amashusho, bakamwoherereza ibaruwa. Ni cyo nzi ku bijyanye n'ibyo. Babyitaho mu gihe nta nashobora gushyira abana imbere y'Imana; mwivuga kwita ku mabande cyangwa kubatiza.

12 Ni ukuvuga ko umwuka wanjye uhagaze gusa kuri ubu butumwa; ni uku gukurura kwa gatatu, kandi ni kuri ibyo ngomba gukiranukaho kandi nkubaha..

Matayo 21: 1-11. Ndabivuga kugira ngo mwitondere… cyangwa dufungure Ibyanditswe.

Kandi iyo… Kandi bageze i Yerusalemu, bajya i Betifage ku musozi wa Elayono… Yesu atuma abigishwa babiri mu ntumwa ze,

Arababwira ati: Mujye mu kirorero kiri imbere yanyu, uwo mwanya muribubone indogobe iziritse hamwe n'iyayo, muziziture, muzinzanire.

Ariko ni hagira umuntu ubabaza ijambo, mumubwire muti: Umwami arazicyeneye; maze azahera ko azibahe.

Ibyo byabereyeho kugira ngo ibyavuzwe n'umuhanuzi bisohore ngo: "Mubwire umukobwa w'i Siyoni muti: Dore, Umwami wawe aje aho uri, ari uw'ineza… ahetswe n'indogobe, n'icyana cy'indogobe.

Ba bigishwa baragenda, bakora nk'uko Yesu yabategetse.

Bazana indogobe n'iyayo, baziteguraho imyenda yabo, kandi bamwicazaho.

Haza rubanda rwinshi; abantu benshi basasa imyenda yabo mu nzira, abandi baca amashami y'ibiti, bayasasa mu nzira.

Abantu bamushagaye bararangurura bati: "Hoziyana, mwene Dawidi! Hahirwa uje mu Izina ry'Uwiteka! Hoziyana ahasumba hose".

Ageze i Yerusalemu, ab'umurwa barashika, barabaza bati: Uyu ni nde? Barabasubiza bati: ni Yesu, umuhanuzi w'i Nazareti, muri Galileya.

Noneho, nshaka gufata umutwe w'amagambo mu minota hafi mirongo itatu, mbere yo gutangira umurongo wo gusengera abarwayi, ndashaka gufata umutwe w'amagambo ugira uti : "Ni iki gikurura ku musozi?"

13 Noneho, amanywa yari yuzuye umunaniro cyane, ashyushya mu mutwe cyane, kandi wari umunsi udasanzwe. Turareba aho Yesu azamuka i Yerusalemu, yiteguye gusangira kuri Pasika. Aho ni ho umwana w'intama wa pasika yiciwe, kandi amaraso yari anyanyagijwe ku ntebe y'imbabazi, kugira ngo yeze abantu. Kandi yari aturutse i Betifage, Yari yageze mu mpinga y'umusozi wa Elayono usumba undi musozi muto aho Yerusalemu yari yubatse. Noneho mu gihe yarebaga, yari azi ko ari uruzinduko rwe rwa nyuma.

Igihe cyari kigeze aho Yari agiye gutangwa mu maboko y'abanyabyaha kandi aba bagombaga kumwica. Yari agiye gupfa urupfu ruteye ubwoba kurusha izindi mpfu umuntu upfa yigeze agira, kandi Yagombaga gushyingurwa. Yaragiye kugambanirwa n'abe, bamwe muri bo bari rwose i ruhande Rwe. Kandi, nk'Imana, Yari azi icyari mu mitima yabo kandi Yari azi, uhereye mu itangiriro, uwagombaga kumugambanira. Yari azi ko uyumugabo wari kumwe na We, wicaraga impande ze kandi akamubarira amafaranga Ye, n'ibindi, Yari azi ko uwo mugabo yagombaga kumugambanira. Kandi Yari azi ko umusaraba w'ubugome w'Abaroma wari umutegereje aho. Yari azi ko Amazi ndetse n'Amaraso by'umubiri We byari bigiye kwitandukanya kandi ko Amaraso yari agiye kumeneka ku gahanga Ke, mu bitonyanga binini, nk'icyuya. Yari azi ibimutegereje byose. Noneho Ahagarara aho ku musozi, amaso areba i Yerusalemu.

14 Abantu b'icyo gihe, aba… icyo bitaga uwo munsi "idini ryiza cyane", baramwangaga. Amadini yo muri icyo gihe yaramwangaga kandi yaramuregaga kandi banaregaga abamwumvaga bose. Kandi iyo bitabiraga amateraniro Ye, bahitaga uwo mwanya bacibwa mu gusangira mu idini. Ntibitangaje ko Ibyanditswe byavuze biti: "Yaje mu Be, kandi abe ntibamwakiriye". Abagombaga kumukunda, abagombaga kuba ku ruhande Rwe bari abanzi Be bakomeye

15 Noneho Yiyegereza igice cy'abantu bacyennye, abarobyi, abishyuza amafaranga ku muhanda, abantu batize. Bibiliya ivuga ko bamwe muri bo ndetse bari "injiji kandi batazi gusoma". Abandi ntibanashoboraga kwandika izina ryabo. Ntiyigeza na rimwe ajya mu madini gushaka abantu Be.

Ntiyigeze na rimwe Yumvikana n'umwe mu bayobozi b'amadini. Kandi hejuru y'ibyo, Yitwaraga nk'umuhanuzi, Yacyahaga ibyo bakoraga byose, nk'uko abamubanjirije babikoraga, kuko bari igice

cy'Ijambo; kandi We Yari Jambo mu kuzura Kwa ryo.

16 Ariko hagati muri ibyo byose, muri buri gisekuru kandi mu nzira ya buri muhanuzi wabayeho cyangwa uzabaho, hari umubare runaka w'abantu bateguriwe kumva ubwo Butumwa, kandi bakurikira ibyo. Abo ntibita ku bivunge. Ntibita ku magambo asebya y'umutizera. Ntibajya impaka na bo. Bafite ikintu kimwe cyo gukora, ni ukwizera no gufata ibyo bashobora gufata byose kuri ibyo no kumwinjiramo nka Mariya wari wicaye ku birenge bya Yesu.

Kandi Marita yateguraga ibyo kurya Bye bya nimugoroba noneho Yesu aramubwira ati : "Ariko Marita, ndabona witaye cyane ku bintu by'umubiri, ariko Mariya we yahisemo ibintu byiza cyane". Murabona, ibintu by'Ubugingo Buhoraho.

17 Noneho, turabona ko abantu benshi bumvise… ntibari bafite inyandiko nk'izo dufite uyu munsi, ntibari bafite televiziyo na telefoni n'ikindi kintu cyose; muri icyo gihe, ariko hari ikintu nk'igihuha ko Yagombaga kuba mu munsi mukuru wa Pasika; mu by'ukuri, abantu benshi, nk'abanyamwuka, bari bazi ko Yari uyu mwana w'intama wa Pasika, kuko Yari yababwiye ibyagombaga kuba.

18 Noneho, mu bigaragara, mu gihe bari bazi ko Yagombaga kuba Ari aho, kandi kuko bari bamufitiye urukundo nk'uko bari barufite, baramutegereje. Hari ikivunge, birashoboka ko babyiganaga, basunikanaga ku rugi ku rundi, barunguruka impande zose, kuko bari bazi ko umwanya uwo ari wose Yahinguka. Baracungaga.

Abandi bibazaga ikitagenda kuri abo bantu birukaga ku rugi rumwe bajya ku rundi. "Uku ni gukururwa ki?"

Kandi barebaga hirya no hino, kugira ngo bamuvumbure. Basaga nk'abashaka ikintu, bategereje ikintu kigiye kuba.

Yoo! Mbega ukuntu nifuzaga guhindura umutwe w'amagambo iminota runaka nkavuga ibi, ni iki kiri kuba uyu munsi, abantu bategereje kuza Kwe bamutegeranije igishyika kandi biteguye ikintu gikomeye. Dushobora kubyumva - izi mbaraga. Kandi barashaka, baracunga buri gikorwa na buri kimenyetso kandi bakakigereranya n'Ibyanditswe.

19 Kandi igihe babonaga ibintu byose byari byaravuzwe mbere kuri we bisohora kugeza ku musozo, bamenye ko imperuka yegereje. Bashakaga kuba aho, kandi bacunga. Igice kimwe cy'ikivunge, abantu bacye, bari ku ruhande Rwe. Abandi baramurwanyaga, umubare mu nini muri bo, mirongo icyenda ku ijana baramurwanyaga.

Urebye ni byo biba uyu munsi mu gice cy'abanyamadini iyo tugeze mu by'ukuri ku Ijambo no kuri Kirisito; ni hafi umwe ku ijana ubyizera. Ikindi gice ntikibyitaho rwose, ibyaba byarakozwe byose; bazabinegura mu buryo runaka kandi bazabifungirana, bimeze kimwe neza. Igihe, ibintu ntibihinduka cyane. Amateka icyo akora ni ukwisubiramo gusa.

20 Ni byiza, turabona ko ibyo byateje ibibazo byo mu bwonko. Byari ngombwa. Ibyo byagombaga kubaho. Baribategereje, bibazaga icyo Yakora Ahageze. Bifuzaga kuba aho kugira ngo bungukire ku byo Yaragiye gukora byose. Barabishakaga. Bashakaga kubibona. Baramwizeraga, abandi bari barumvishe ko Azaza, noneho baza aho kugira ngo bamunegurize izuru. Ni ukuvuga ngo, nyuma y'uko gutegereza kose gukomeye, ku munsi udasanzwe cyane, igihe kidasanzwe cyane, amadini yarasinziriye, imbaraga z'abantu zakoraga gacye cyane, abantu benshi bari aho, kandi birangira bibaye.

21 Ku gasongero k'Umusozi wa Elayono haza indogobe nto y'umweru, iza, imanuka ku musozi, iherecyejwe n'igice cy'abantu basakuzaga bya gifana, bavuna amashami y'ibiti kandi bajugunya imyenda yabo mu nzira bavuga n'ijwi rirenga bati: "Hoziyana ku Mwana wa Dawidi, uje mu Izina ry'Uwiteka!" indo. . . iyo ndogobe nto, Uwari Uyitwaye si yari undi ni Mesiya w'Imana, Uwasigiwe iyi saha.

Noneho Imana yakoraga iki? Ni iki gikurura, aho hejuru, ku musozi? Ni Imana ikora amateka n'Imana isohoza ubuhanuzi. Kandi igihe cyose bitera gukurura. Ibyo bihagurutsa gupfobya kose, inkongoro (by'Ubutumwa by'iki gitondo) n'ibizu na byo. Murabona? Baraterana kugira ngo bavumbure ibiri kuba. Bamwe baza kubera amatsiko, abandi baza baje gushaka amakosa, abandi bakaza baje kunenga. Abantu b'ubwoko bwose baraterana, nk'uko twabivuze muri iki gitondo, abizera, abiyita abizera, n'abatizera. Ni iki kiri ku musozi? Ubuhanuzi burasohoye. Noneho, tugiye kureba ibiri kuba.

22 Noneho, mu gitabo cya Zekariya, igice cya 9, umurongo wa 9. Zekariya, umwe mu bahanuzi, yavuze ari mu Mwuka ati:

Nezerwa cyane, wa mukobwa w'i Siyoni we! Rangurura, wa mukobwa w'i Yerusalemu we! Dore, Umwami wawe aje aho uri; Ni umukiranutsi. . . Kandi azanye agakiza, Yicishije bugufi, kandi agendera ku ndogobe, Ku ndogobe, icyana cy'indogobe.

Noneho, ni iki kitagendaga n'abo banditsi? Ni iki kitagendaga n'abo batambyi? Ni iki kitagendaga n'abo

banyamadini? Ibi byari byaranditswe n'umuhanuzi wahamirijwe, imyaka magana ane mirongo inani n'irindwi mbere y'uko ibyo biba. Byari byaramaze gushyirwa mu buryo bw'inyandiko kandi byitwaga Bibiliya, imizingo y'Isezerano rya Cyera. Kuki batashoboraga kubona ko byari ubuhanuzi bwasohoraga? Ni impamvu imwe ituma batabibona uyu munsi. Bafashe Ijambo ry'Imana noneho barihindura iridafite imbaraga ku bantu, bigisha nk'imigenzo - nk'imyizerere imigenzo y'abantu.

Iyo abanditsi, abavugabutumwa, abakozi, abantu b'umwuka (cyangwa abiyita), abasizwe, baza gusa gushobora gusoma Bibiliya, ntibari kubaza ibiba, baribumenye ibyo ari byo. Imana isohoza Ijambo Ryayo!

23 Amateka yarikoraga, ubuhanuzi bwarasohoraga. Agakiza kageraga ku isi, umunsi ukomeye abahanuzi bose bari bategereje. Abari bari mu gituro bose bari bategereje uyu munsi (yoo, mubitekerezeho), abari barapfuye bose, abakiranutsi bose, abahowe Imana n'abahanuzi bamenewe amaraso.

Ku bijyanye n'ibyo, avuga n'ijwi rirenga ati: "Yerusalemu, o Yerusalemu, wowe utera amabuye buri muhanuzi ngutumyeho kandi ukica abakiranutsi, ni kangahe nashatse kukubundikira nk'uko inkoko ibundikira imishwi yayo, ariko ntiwabishatse! Ariko noneho ubu isaha yawe irageze".

24 Abari bari mu gituro bose, Aburahamu, Isaka, Yakobo, abahanuzi bose, bari bategereje iyi saha.

Kandi idini ryari impumyi kuri ibyo. "Ni nde uwo uteza urwo rusaku rwose? Uwo muhungu ni muntu ki?" Bavugiye rimwe bati: Si wa muhungu w'umubaji? Turamuzi. Akura he ubu bwenge? Kandi, Ntiyigeze akandagira na rimwe mu mashuri yacu. Nta gitabo na kimwe tuzi yakuyemo ubu bumenyi. Uyu ni muntu ki?

Yari igisubizo ku buhanuzi bw'umuhanuzi. Nguyu Araje, yicaye ku cyana cy'indogobe. Mbega gukurura! Imana yasohozaga Ijambo Ryayo ryasezeranijwe, isaha yari itegerejwe kuva mu myaka ibihumbi bine. Mu Itangiriro, igice cya 3, umurongo wa 15, Imana yari yateganyije ibi : "urubyaro rw'umugore ruzamenagura umutwe w'inzoka, ariko umutwe w'inzoka uzarukomeretsa agatsinsino", ubu buhanuzi, mu gihe cya Bibiliya cyose, bwari bwaravuzwe ku bijyanye no Kuza kw'uyu muntu.

25 Kandi aho, mbere y'igihe gito, umuhanuzi yahagurutse muri bo, yari umuhanuzi wahamirijwe, Zekariya, yaravuze ati : Yemwe bakobwa b'i Yerusalemu na mwe, bakobwa b'i Siyoni, mwishime, muterere hejuru, muvujye n'ijwi rirenga, kuko

Umwami wanyu aje abasanga, atuje, acisha make kandi aciye bugufi, ari hejuru y'icyana cy'indogobe. Kandi aho, abantu basomaga ik'Icyanditswe, umunsi ku munsi, bamubonye aje atwaye noneho baterera hejuru bati: "Uyu ni nde?''Murabona? Imana yasohozaga Ijambo Ryayo kuri aba bantu bashoboye kumenya ibyabaga, ariko batari bamuzi.

Iyo Imana ishohoje Ijambo Ryayo, igihe cyose biteza gukurura, ibyo biteza igihe cyose gukurura. Ibyo biteza gukurura, kuko ntibimenyerewe. Ku bajyana n'ibigezweho by'uyu munsi, ni ibintu bitamenyerewe cyane iyo Asohoje Ijambo Rye. Kuko kujyana n'ibigezweho k'uyu munsi ntikubyizera. Bafite uburyo bwabo bwo kureba.

26 Noneho, turebe - kandi tugaruke mu Byanditswe kandi dufate ibindi bikorwa bidasanzwe, rwose indi minota y'inyongera - igihe Imana yasohozaga ubuhanuzi Bwayo. Iyo Imana ivuze ikintu, Iragisohoza. Ijuru n'isi bizashira, ariko iri Jambo ntirishobora na rimwe gushira. Ndetse, ibi bituma habaho muri rusange ibirori, ibirori bidasanzwe.

Murebe ukuntu biteye isoni ko Ijambo ry'Imana ryahawe a - abantu bari batezweho kuryizera, none Ryabaye ikintu kitamenyerewe kugera aho batangara bati: "Noneho! Ni ib'iki? Aya mateka mwayayoye he? Uyu ni nde? Ni ib'iki?" Nyamara baribakwiye kuvuga n'ijwi rirenga bati: "Hoziyana, ku Mwami uje mu Izina ry'Uwiteka!" Ariko hari igice cy'abantu bake bakoraga ibyo, rwose igice cy'abantu bake. Nyuma y'imyaka ibihumbi bine y'ubuhanuzi ijyanye n'igikorwa gifite akamaro cyane cyabaye ku ishyanga, kuko ibyiringiro byose by'abapfuye byari byubakiye kuri ibyo, ejo hose hazaza hari hubakiye kuri ibyo; kandi abanyamadini bibwiraga ko babyizera baterera hejuru bati: "Uyu ni nde? Kandi ni iki gikurura?" Ikintu kitamenyerewe! Urebye ni ikintu kimwe, ibyo mu buryo bworoshye ntibihinduka, ubu ni ibintu bitamenyerewe.

27 Turebe bimwe muri ibyo bintu bidasanzwe, nk'uko maze kubivuga. Kwari ukuhe gukurura mbere rwose y'uko urubanza rukubita isi kandi rukayisenya n'amazi? Umuntu ushaje, hafi imyaka ijana na makumya biri, yubatse ubwato mu gihe nta mazi yarahari bwashoboraga kurerembaho. Yari ari aho imyaka, ahagaze ku rugi, yubaka mwo imbere, mwo imbere, abuhomamo imbere n'inyuma kandi avuga ati, muri iki gisekuru gikomeye cy'ubwenge: "Isi izamirwa n'amazi"

Ni ukuhe gukubita kw'inyundo aho hejuru ku musozi? Noneho, ni umusaza, witwa Nowa, ni umufana ushaje uri aho hejuru. Umusaza yagumye igihe kirekire ku zuba. Yakubiswe n'izuba. Yataye ubwenge. Yubaka icyo yita "inkuge", kandi akavuga ko amazi azava aho hejuru mu gihe nyamara ntayahari kandi ngo buzarerembana abantu bose ; kandi ko abatumva Ubutumwa bwe n'abatazinjira bose muri iy'inkujye

bazarohama. Mwigeze mwumva ikintu nk'icyo? Kwari ugukurura kudasanzwe!

28 Ndibaza ko iyo abantu bashakaga guseka cyane, bazamukaga aho noneho bagahagarara imbere y'urugi rw'inkuge, bagaseka bagira bati : "Wasetsa! Hashize imyaka ijana, wavugaga ko izagwa! Sogokuru yambwiye ko yakumvise uvuga aho hejuru ko izagwa, none ukomeje gukubita icyo gice cy'igiti gishaje aha. Kuki utabireka?"

Ariko yari Imana yiteguraga guhamya isezerano no gusohoza ubuhanuzi umuhanuzi Wayo yatanze. Ntibimenyerewe cyane! Imana yasohozaga isezerano Ryayo kuri Nowa, mu gihe abandi basekaga. Imana kandi yiteguraga gukora amateka kugira ngo ibyereke abandi, ndetse no kugera uyu munsi, Irinze Ijambo Ryayo! Uko byaba bigaragara kose nk'ibidafite ukuri cyangwa nk'ibidafite impamvu, Irinda buri munsi Ijambo Ryayo. Yagize uwo musaza wakubitaga n'inyundo ku nkujye urugero kuri ab'abantu, aha muri Amerika uyu mugoroba no ku isi hose. Icyo abanyabwenge bavuga cyose, icyo bavuga cyose, ibi, biriya, cyangwa ibindi. Irinda buri munsi Ijambo Ryayo. Yakoraga amateka.

29 Uku kwari ugukurura kuhe umunsi umwe - ikintu kidasanzwe cyabereye mu butayu, kandi cyari igihuru cyaka umuriro. Kandi umuhanuzi w'impunzi yari aho mu butayu. Ntiyigeze yumva ijwi; ntiyigeze yumva urusaku, ariko arareba, abona ikintu kidasanzwe mu mpinga y'umusozi. Imana yageragezaga kumukurura. Ni ko bimeze uyu munsi.

Imana yiteguraga gusohoza Ijambo Ryayo n'umuhanuzi Wayo Aburahamu: "Urubyaro rwawe ruzaba abasuhuke imyaka magana ane mu gihugu cy'amahanga, Nzabasoheresha ukuboko gukomeye".

Noneho yarimo itegura umuntu kujya murimo, nk'uko yateguye inkujye nk'ahantu h'ubuhungiro ku bashoboraga kwizera bose. Imana icana icyo gihuru, na Mose, uyu mushumba, aravuga ati: "Ngiye rwose guhindukira ndebe icyo iki kintu kidasanzwe gisobanuye". Noneho, nyuma y'uko Yari Imaze gukururira Mose kuri icyo gihuru, Ivugana nawe.

30 Kwabaye ukuhe gukurura nyuma mu rugo rwa Pilato igihe uy'umushumba yajugunyaga inkoni hasi igahinduka inzoka? Imana yasohozaga Isezerano Ryayo kuri Mose. Uku kwari ugukurura kuhe ku Nyanja y'Urupfu, igihe abatwaraga indogobe ba Farawo bose batungurwaga, igihe babonaga umuyaga umanuka mu ijuru kandi ugatandukanyamo kabiri Inyanja Itukura, noneho igice cy'abacyene b'abacakara bagenda mu kubaha Imana, bakayambuka humutse? Byari ibiki? Yari Imana irinze Ijambo Ryayo. Urupfu rurahunga, abantu bazima barambuka ariko abantu bapfuye mu mwuka bagerageza kubyigana, bararohama. Yari Imana isohoza ubuhanuzi kandi ikora amateka. Ni ko kwari ugukurura ku Nyanja y'Urupfu.

31 Uku kwari ukuhe gukurura umunsi wa kabiri nyuma y'ibyo, ku Musozi Sinayi, igihe abagabo bose bategekwaga kutegera abagore babo, igihe basabwaga kumesa imyenda yabo, kwiyeza kandi bagaterana bakikije umusozi aho umuntu witwa Mose yavuze ko yahuye n'Imana mu nkingi y'umuriro? Kandi Imana yabwiye Mose iti: "Ngiye kumanuka hagati mu bwoko. Ngiye guhamya icyo nakubwiye kandi n'Uwo Ndiwe. Ngiye kubereka ko Ndi ya Mana". Ni ko kwari ugukurura, Imana isohoza Ijambo Ryayo.

32 Kwari ukuhe gukurura, umunsi umwe mu mateka, igihe ishyanga ryibagirwaga Imana, igihe abantu bahindukaga abishushanya kandi batagira icyo baha agaciro, igihe abatambyi bakurikiraga bose umurongo w'ibigezweho kandi abahanuzi bahanura nk'uko abatambyi babishaka? Kandi kuri uwo munsi, nk'ibisanzwe, bari bafite umuntu bafataga nk'umuntu ukabya. Yavugaga abagore bisigaga n'ibindi, kandi yari umuntu udasanzwe. Kandi uwo musaza yaramanutse abwira umwami ati: "Ndetse nta n'ikime nzahamagara. . . kizaza, kugeza igihe nkizaniye".

33 Kandi tubona ko, nyuma, yihishe kandi abihungira kure, yihishe ahantu mu butayu. Abaturanyi batecyereje ko, wenda, yishwe n'inzara cyangwa ko yarimbutse, ariko yagaburirwaga neza cyane kandi akanywa neza cyane. Noneho, aramanuka aravuga ati: "Ntimureba ko mfite NI KO UWITEKA AVUZE? Noneho, niba mutarabyemera neza, tuzamuke ku gasongero k'umusozi tugaragaze Imana iyo ari yo", kuko yari yakiriye ku Mwami irindi yerekwa.

Aravuga ati: "Mwitoranyirize igicaniro mucyubake, kandi - kandi mutoranye impfizi kandi muzitambe. Njyewe, nzubaka igicaniro cy'Uwiteka, kandi na njye nzashyira impfizi ku cyange. Noneho dutambe, mwebwe na njye, igitambo, kandi tuzareka Imana nyamana isubize". Nta na rimwe yabikoze atari Umwami ubimutegetse; yabivuze nyuma ati: "Ndakora ibi, nk'uko. . . ibi byose, nk'uko untegetse, Mwami."

34 Ariko uku gukurura ni ukuhe? Aho hejuru ku musozi, hari abatambyi magana ane n'umwami mu gifaru cye hamwe n'ingabo ze kandi n'abarinzi be iruhande rwe. N'uwo musaza udasanzwe, ufite ubwoya mu maso, umutwe udafite umusatsi, imisatsi itendera mu maso, yambaye uruhu rw'intama, umubiriwe utwikiriwe n'ubwoya, yahagaze aho afite inkoni mu kiganza n'akabya k'amavuta mu kindi. Hafi mu myaka itatu n'igice, yaravuze gusa ati: "Ndetse n'ikime ntikizagwa kugeza igihe nkihamagariye - nkizaniye". Yafashe umwanya w'Imana, n'ibintu nk'ikamba rimurika, n'ibicucu n'ibyo byose bavuga. Noneho uwo musaza w'umufana ahagarara aho ku musozi, ari kuhatoreza abo bantu bose. Uku gukurura kwari ukuhe? Yari Imana yiteguraga guhamya ko umuhanuzi Wayo yari afite Ukuri. Yari Imana isohoza ubuhanuzi. Kandi

Imana ikora amateka, isohoza Ijambo.

35 Hashize nk'imyaka ijana nyuma y'ibyo, habaho umuntu usizwe n'uwo Mwuka, ava mu butayu, nta dini na rimwe abarizwamwo, nubwo se yabaye umunyedini, umutambyi ufite urwego runaka. Ariko ava mu butayu, atwikiriye uruhu rw'intama, ubwoya butwikiriye mu maso hose. Aho kugira ngo bube ikijuju, bwari umukara. Uy'umugabo yari afite ukuhe gukurura kugira ngo akurure Yerusalemu yose na Yudaya yose? Bamwe basohokaga, bavuga bati: "Hariya hari umugabo w'umunyagasozi. Arimo arageregeza kwibiza abantu mu mazi. Ni nde wigeze wumva ikintu nk'icyo?"

36 Abandi bari bafite amatsiko, bakavuga bati: "Bigomba kuba ari Mesiya". Umwe muri bo aravuga ati: "Birashoboka ko ari umwe mu bahanuzi". Ntibari bazi icyo gutekereza. Ariko byari ibiki? Yari Imana yasohozaga Yesaya 40, aho avuga ati: "Dore. . .", ibyo Yaragiye gukora mu minsi ya nyuma, uko Yaragiye kohereza umukozi We n'ibyo yagombaga gukora uwo munsi wa nyuma.

Noneho, ibyumweru runaka nyuma y'ibyo turabona ko uyu mugabo yari yizeye cyane ubutumwa bwe kuburyo yavuze ati: "Hari umuntu muri mwe ntakwiriye no gutwaza inkweto. Azababatirisha Umwuka Wera n'Umuriro, nk'uko na njye nababatirishije amazi".

37 Kandi umunsi umwe, Umusore usanzwe w'imyaka hafi mirongo itatu, aramanuka, arabatizwa. Kandi iyo uwo umuntu aje, habaho ugukurura runaka kw'umuhanuzi; umuhanuzi yitwara ukuntu kudasanzwe uwo munsi. Iteraniro ntiryashoboraga kwibuza kureba imyitwarire y'uwo muhanuzi, igihe yajyaga impaka n'abatambyi ku rundi ruhande rw'uruzi.

Baravugaga bati: "N'Imana yubatse ik'igicaniro. Ni Imana yatubwiye gukora ibi. Mose ni umuhanuzi. Twizera Mose. Igitambo ntikizakurwaho na rimwe".

Nshobora kumva Yohana asubiza muri ay'amagambo: "Ntimwasomye mu Byanditswe icyo umuhanuzi Daniel yavuze ati: "igitambo cya buri munsi kizavanwaho? Noneho icyo gihe cyarageze!'Ntimwasomye icyo Yesaya yavuze mu gice cya 40 ati: 'Iri ni Ijwi ry'urangururira mu butayu ati: mutegure inzira y'Uwuteka?" Hari ubuhanuzi bubiri bundeba. N'ikindi kintu, ntimwamenye umuhanuzi wacu Malaki, hashize imyaka magana ane, igihe yavugaga mu gice cya 3, aravuga ati: "Dore, nzatuma integuza yanjye izambanziriza, intunganyirize inzira?" Ntimuzi ko ibi byasohoje ubuhanuzi? Ubuhanuzi bwarimo busohozwa!

38 Kandi hafi muri icyo gihe, umuhanuzi aragaruka, aravuga ati: "Dore Umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'isi araje!" Noneho, uku gukurura ni ukuhe? Kwanyuze k'umuhanuzi kujya k'ubuhanuzi.

Noneho, murebe ibyabaye. Dore Umuntu usanzwe araje, utazwi n'umuntu, umwana w'umubaji, araza kandi yinjira mu mazi. Noneho Yohana, umuhanuzi ukomeye aravuga ati: "Ni njyewe ucyeneye kubatizwa na We. Kuki Uje unsanga?"

Aravuga ati: "Bikore, ariko nk'umuhanuzi kandi Jambo, biradukwiriye gusohoza gukiranuka kose".

Ubwo, yumva ko igitambo cyagombaga kozwa mbere yo kugaragazwa, aramubatiza.

39 Noneho, hari ukundi gukurura kwabayeho igihe Yasohokaga mu mazi. Uyu muhanuzi wabaye umwizerwa cyane, warwanyije igisekuru cye n'igihe, yarebye hejuru abona ijuru rifunguye. Abona Umwuka w'Imana umanukira kuri We nk'inuma noneho Ijwi riravuga riti: "Uyu ni Umwana Wange nkunda cyane muri We nashyizemo urukundo Rwanjye". Imana yahamyaga Ubutumwa bw'umuhanuzi, icyo ni cyo cyakururaga kuri Yorudani.

40 Mwene Data yaririmbye, hashize akanya, cyangwa yagombagakuririmba "Ku misozi ya kure hari umusaraba ushaje wumye". Uku gukurura ni ukuhe ku Musozi Karuvari? Nk'uko tubireba, abanyamadini bari bamuciriye urubanza n'ubutegetsi bw'abaroma bwamuciriye urwo gupfa, kandi Yari amanitse aho, hagati y'ibisambo bibiri, yicwa n'inyota, amaraso atemba ku mubiri We. Yari amanitse aho, avuga n'ijwi rirenga ati: "Mana Yanjye, Mana Yanjye, kuki Wandetse?" kandi n'abanyedini bari bahagaze aho, babireba, ntibari bazi na gake ko ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera bwari buri gusohora aho i Karuvari, muri icyo gihe.

Dawidi ubwe arandika ati, ara. . . yinjira mu Mwuka nk'abandi bahanuzi; yavuze nk'aho yari we. Dawidi yavuze n'ijwi rirenga muri Zaburi ati: "Mana Yanjye, Mana Yanjye, kuki Wandetse? Kandi amagufwa - Yanjye yose, barandeba. Batoboye ibiganza byanjye n'ibirenge byanjye". Dawidi yavugaga nk'uwivuga. Ariko ntiyari Dawidi, yari Kirisito muri Dawidi.

Dore na none, ubuhanuzi bwari bwaravuzwe n'abahanuzi bose batandukanye bwasohoraga ku Musozi Karuvari. Uku gukurura ni ukuhe ku Musozi Karuvari? Yari Imana isohoza Ijambo Ryayo.

41 Ukundi gukurura kwabereye ku musozi, byari ku munsi wa Pantekoti, igihe bose bari aho mu munsi mu kuru w'idini, batecyerezaga ko bitandukanyije n'abafana bose. Hari hashize iminsi icumi batumva ibyabo. Muri ako kanya, nk'umutiba w'inzuki, basohoka hejuru mu nyubako, bakwirakwira mu mihanda bavuga n'imbaraga.

Ibi ni ibiki? Ibi bisobanuye iki? Aba bantu bose basinze?"

Murebe! Noneho umuhanuzi ahaguruka muri bo, umuhanuzi nk'uko yagombaga kuboneka kandi aravuga ati: Mwebwe, bantu ba Israel na mwe mutuye i Yudaya n'i Yerusalemu, reka ibi mubimenye kandi mwumve amagambo yanjye. Aba bantu ntibasinze nk'uko mubitekereza. Ahubwo ibi ni byo Umwami yavugiye mu kanwa kw'umuhanuzi Yoweli avuga ati: "Bizagera, mu minsi ya nyuma, ko nzasuka Umwuka Wanjye ku muntu wese". Uko ni ko kwari ugukurura.

42 Abanyedini, bamaze kubamba Igikomangoma cy'Ubugingo kandi bagakora n'ikindi cyose, ntibabonaga na rimwe Isezerano ryo Kuza k'Umwuka Wera. Gukurura: "Uyu ni nde? Ibi bisobanuye iki? Bimeze gute n'aba bantu?"

Oh la la! Ni ko bimeze n'uyu munsi. Tugiye gusimbuka igice kinini cy'ibi kugira ngo tubishyire mu bikorwa iy'isaha. Ni cyo kiba n'uyu munsi. Icyo kintu kiraba. Ibyo bibazo birabazwa: "Urwo rusaku rwose ni urw'iki?" Murebe umuhanda ku ruhande rumwe n'urundi, amavatiri ava i Mishigan ajya i Floride, ava i Maine ajya i Californie. Iki gitondo, cyangwa nyuma ya saa sita iyo nsohotse mu ivatiri, tumanuka umuhanda, umugore wange na njye, tureba kwandikwa kw'amavatiri. Aho ni ho natecyereje kuri uy'umutwe w'amagambo. "Ibi bisobanuye iki?"

Rwose nk'uko bivugwa ngo: "Ahari umubiri ni ho hazateranira ibizu!"

43 Nabwiye umugore wanjye nti: "Mukunzi, uribuka umugoroba ushize ubwo nagombaga gusezera ku bankundaga bose ku isi kugira ngo nge mu mirima y'akazi gutangira ikintu Umwami yambwiye gukora? Waririmbye iyi ndirimbo:

Yoo, bazava Iburasirazuba n'Uburengerazuba,

Bavuye mu bihugu bya kure,

Gukora umunsi mukuru n'Umwami wacu,

Gusangira nk'abatumirwa Be,

Bagire umugisha, ab'abakozi b'Imana!

Twitegereza mu maso He hera,

Tumurika urukundo rw'Imana,

Abahawe umugisha n'ubuntu Bwe,

Bazamurika nk'ikamba Rye ry'agaciro kanini."

44 44Uko ni ko gukurura. Ku bw'imbuto yatoranijwe mbere n'Imana idashobora kugira ikindi ikora uretse gukurikira ibyo, ibyo bifite agaciro kurusha ubuzima kuri twe. Mukureho ubuzima bwacu, ariko mwekubufata. Uku gukurura ni ukuhe? Nk'ibisanzwe, yari Imana isohoza Ijambo Ryayo. Yongera kumva ijambo rya Zekariya, ry'umuhanuzi Zekariya.

Aho nasomye umurongo wa cyenda, igihe Yesu yinjiraga mu rusengero Rwe, ari ku ndogobe. … cyangwa ahubwo Yinjira i Yerusalemu, atwaye icyana cy'indogobe cy'umweru, ubuhanuzi Zekariya yavuze. Ni ubu: Nezerwa cyane, wa mukobwa w'i Siyoni we. Rangurura, wa mukobwa w'i Yerusalemu we. Dore, Umwami wawe aje aho uri; Ni umukiranutsi Kandi azanye agakiza, Yicishije bugufi, kandi agendera ku ndogobe, Ku ndogobe, icyana cy'indogobe. Ibyo ni ko kwari ugukurura i Yerusalemu, mu gace k'ingenzi k'abanyedini.

45 Noneho, turareba igikorwa cy'umunsi wa nyuma. Reka turambure amapaje runaka muri Zekariya noneho turebe icyo yavuze kuri ibi. Tubishingireho rwose kuri iy'iminsi ya nyuma. Aho, byari mu gihe cya kera; reka tujye noneho mu minsi ya nyuma. Kandi tujye muri Zekariya, igice 14, duhereye ku murongo 4. Kandi mwumve! Kandi turasoma igice cy'Ibyanditswe, hafi imirongo icyenda, kuva ku wa 4 kugera ku wa 9. Mwumve mwitonze. Kandi ni ubuhanuzi bujyanye no Kuza Kwe, mu minsi ya nyuma. Mwumve rwose mwitonze; ibi ni NI KO UWITEKA AVUZE. NI Ibyanditswe. Zekariya 14. Muribuka icyo Zekariya 9 yavuze? Nyamara ntibabimenye. Noneho, ni iki uyu munsi? Zekariya 14 haravuga ibyo Kuza Kwe:

Uwo munsi azahashinga ibirenge bye ku musozi wa Elayono (na none) werekeye i Yerusalemu iburasirazuba; uwo musozi wa Elayono uzasadukamo kabiri, uhereye iburasirazuba ugeze iburengerazuba, uzacikamo igikombe kinini cyane; . . .igice kimwe cy'umusozi kizashinguka kijye ikasikazi, ikindi… kizajya ikusi.

Muzahunga munyure mu gikombe cy'imisozi yange kuko igikombe cy'iyo misozi kizagera Aseli; yego, muzahunga nk'uko mwahungaga igishyitsi cy'isi cyabaye ku ngoma ya Uziya, umwami w'abayuda…

46 Ikindi gishyitsi cy'isi gisatura isi! Niba mushaka gukurikira uy'umurongo, murebe ku murongo wa 5, hasobanura ko gusaduka kw'Umusozi wa Elayona kuzaterwa n'igishyitsi cy'isi, kandi bihamywa na Yesaya 29: 6 n'Ibyahishuwe 16: 9. Neza cyane! Ni ibiki? Umuhanuzi watangaje Kuza Kwe kwa mbere yabonye Kuza Kwe kwa kabiri. Murebe: “Nko mu minsi y'igishyitsi cy'isi”. Murabona icyo ibishyitsi by'isi bikora? Murabona ibyahanuwe bijyanye na byo?

. . . Kandi Uwiteka Imana yawe izazana n'abera bose Be hamwe na We.

Kandi hazabaho, kuri uwo munsi (Aleluya) kuri uwo munsi, umunsi ntuzaba ucyeye cyangwa ari umwijima;

Ariko bizaba ari umunsi ufite… umunsi wihariye uzwi n'Uwiteka, uzaba atari amanywa cyangwa ijoro, ariko bizababaho ko ahagana nimugoroba umucyo uzarasa (O Mana!)

47 “Hazabaho umucyo mu gihe cya nimugoroba”, umuhanuzi umwe. Kandi abantu ni impumyi! Uku ni ukuhe gukurura? Dusome indi mirongo.

Kandi hazabaho, kuri uwo munsi ko amazi y'ubuzima Azasohoka i Yerusalemu kandi azatemba igice kimwe kigana iburasirazuba, ikindi... kijya iburengerazuba; Ni ko bizajyenda kandi. . . Itumba (Ubutumwa bwiza bujya mu Bayuda no mu Banyamahanga) Kandi Uwiteka azaba Umwami ku. . . isi; kuri uwo munsi, Kandi Uwiteka azaba Umwami umwe gusa, kandi Izina Rye rizaba Izina rimwe gusa.

Hazaba umucyo mu gihe cya nimugoroba (ni byo)

Muzabona rwose inzira ijya mu Bwiza;

Ni munzira y'amazi haboneka umucyo uyu munsi.

Guhambwa mu Izina ry'agaciro rya Yesu,

Abasore n'abasaza, mwihane ibyaha byanyu byose,

Umwuka Wera azinjira nta gushidikanya,

Umucyo wa nimugoroba waraje

Ni ibisobanuye ko Imana na Kirisito ari Umwe.

Murabona aho turi?

Amahanga arasenyutse, Israyeli irakangutse,

Ibimenyetso abahanuzi bacu bavuze mbere;

{Iki gishyitsi cy'isi ku banyamahanga, ku munsi wa nyuma}

Iminsi y'abanyamahanga irabaze, kandi iteye ubwoba

Garuka, O wowe watatanye, iwawe.

Mwebwe mwasunikiwe hanze, kandi izi nkujye zitwawe ku magare mashya, muve aho mbere y'uko urupfu rubakubita. Imana yarabihamije. Ni ko bizajyenda.

48 Tujye ku kindi Cyanditswe mu Isezerano rya Kera. Malaki, igice cya 4, dusome icyo gice kigufi cya 4.

. . . Dore, hazabaho umunsi utwika nk'itanura ry'umuriro; abibone bose n'inkozi z'ibibi zose, yego, . . . bazaba ibishingwe.

Noneho, ibi si. . . Ni Malaki 3 yarebaga Kuza kwa mbere; noneho aha ni Ukuza gukurikiyeho. Ndetse na Dogiteri Scofield aha, sinemeranya na we rwose ku nyandiko ze ku mapaje ahera, ariko aha, yongeye kubisohora neza. “Umurimo wa Yohana” muri Malaki 3; no “Kuza kwa Kabiri kwa Kirisito”, na Eliya ukubanziriza. Byiza cyane.

. . . abibone bose. . . bazashya, bazatwikwa ni ko Uwiteka nyir'ingabo avuga, ntuzabasigira umuzi cyangwa ishami (ikuzimu ni hehe noneho “Uwiteka?”)

Ariko kuri mwebwe mutinya Izina Ryanjye izuba ryo gukiranuka rizabarasira rifite gukiza mu mababa yaryo. . . maze muzasohoka mukinagira nk'inyana zo mu kiraro. Kandi muzaribatira abanyabyaha munsi . . . bazaba ivu munsi y'ibirenge byanyu ku munsi nzabikoreraho, ni ko Uwiteka nyir'ingabo avuga.

Nimwibuke amategeko y'umugaragu wanjye Mose, ayo namutegekeye. . . i Horebu y'abisirayeli bose, . . . amategeko n'amateka.

49 Reba kuza kwa Eliya:

“Dore, Nzabohererereza umuhanuzi Eliya. . .”

Icyanditswe cya nyuma gisoza Isezerano rya Cyera!

. . . Nzabohererereza umuhanuzi Eliya, umunsi w'Uwiteka ukomeye kandi uteye ubwoba utaragera.

Noneho, ibyo ntibyashoboraga kuba Yohana. Oya. Murabona; isi ntiyahiye n'abakiranutsi ntibigeze bagenda hejuru y'abanyabyaha. Murabona? Oya, oya.

. . . Mbere y'umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba,

Uwo ni we uzasanganya imitima y'abana n'iya base, kugira ngo ntazaza kurimbuza isi umuvumo.

Mwitonde ku gihamya cy'Umwuka Wera kugira ngo uko kuza ubigira kabiri kutitiranywa. Malaki 3: “Dore, nzatuma integuza Yanjye izambanziriza”. Babaza ikibazo Yesu kubijyanye na Yohana. Arasubiza ati: “Nimushobora kubyakira, ni we umuhanuzi yavuze ati: ”Nzatuma integuza Yanjye izambanziriza“. Ni we Eliya wagombaga kuza”. Malaki 3.

50 Murebe ukuntu Ibyanditswe bibitanga mu buryo bwuzuye cyane. Murebe icyo ibi—kugira ngo herekanwe… abashaka kwizera, abashaka kureba. Muribuka ko Yesu yahagaze hagati mu Byanditswe, kuko igice cya byo cyari gisohoye, kandi ibindi bikaba bireba Kuza Kwe kwa kabiri? “Mubwirize umwaka w'Ubuntu bw'Umwami, mwomore imitima imenetse” Noneho Arahagarara; si “ukuzana urubanza ku Banyamahanga” mbere yo Kuza Kwe kwa kabiri.

51 Murebe ko ik'Icyanditswe kigereranwa na kiriya. “Kandi we, Eliya, azagarura imitima ya base ku y'abana”. Noneho, nkivuga kuri Malaki 4 cyangwa Malaki 3, ntimubyitiranye. Yohana, Eliya waje mu minsi ibanziriza Kuza kwa mbere kwa Kirisito azagarura imitima y'abasaza b'abakurambere ku butumwa bw'abana, ubutumwa bushya.

Noneho murebe. “N'imitima y'abana ku ya base”. Mu Kuza Kwe kwa kabiri, mu minsi ya nyuma, agarura ku Kwizera kw'intumwa, indi nshuro. Murabona ukuntu Ibyanditswe byishyira ku murongo mu buryo bwuzuye?

Byari ukurangira kw'Isezerano rya Kera - Isezerano rya Kera. Noneho, turabona ko hari umucyo mu gihe cy'umugoroba. Ni iki? Ni agasongero, Umusozi “Tree top”. Agasongero k'igiti.

52 Nk'uko nabivugaga iki gitondo, twakuriye mu madini, (si ku giti cy'icunga) nk'uko nabivuzeho iki gitondo, ariko twagize ibipumpuzi, indimu, n'ubundi bwoko bw'ibindi bintu byose bitari bimeze nk'ikintu cyatangiye. Ariko nyuma… Mwibibura. Ngibi biraje. Nyuma y'uko amadini yose akoze igihe cyayo, nta mucyo yari afite kugira ngo atangire, hazaba umunsi utazitwa amanywa cyangwa ijoro.

Akora iki? Akora iki? - indimu ikora iki ku icunga? Imira ubuzima bw'umwimerere bw'icunga buzamuka, ikabuhindura indimu. Ni cyo amadini yakoze ku Ijambo ry'Imana; yahinduye Ijambo ry'Imana nk'iridafite imbaraga ku bw'imigenzo yayo. NI NIKO UMWUKA W'UWITEKA AVUZE. Yabyaye indimu, ibipumpuzi, ntiyabyara amacungwa.

53 None umuhanuzi yavuze iki? Ni we wavuze amagambo yacu y'uyu mugoroba ati: “Mwishime, bakobwa b'i Yerusalemu, muvuge n'ijwi rirenga cyane, bakobwa b'i Siyoni, kuko Umwami wanyu aje abasanga, yiyoroheje kandi aciye bugufi, yicaye ku cyana cy'indogobe” murebe ko uy'umuhanuzi yavuze ati : “Hazabaho igihe cyo kwera.” Izuba ryoherezwa ku isi kugira ngo ritume urubuto rwera. Kuki rutashoboraga kwera? Nta rubuto rwari ruhari rwo kweza. Ariko ubuzima buri munsi bukomeza kwigira imbere.

54 Ibyo byarakuze binyuze muri papurimusi kugira ngo bihinduke icunga, twavumbuye ko ibyo byishyize hamwe; byari pampirimusi. Ibyo byigira imbere, ibyo bibyara indimu. Ibyo birakomeza na none bihinduka ikindi kintu. Noneho bwa nyuma, ku gasongero k'igiti, bihinduka sacungwa, ni hagati icunga, ni hagati indimu; ni ikintu cy'imvange, ikintu cyangiritse; ibyo byarangiye bihindutse nubwo biba ku giti kimwe; igishishwa “gushukwa kugera hafi no ku batoranijwe.” Ibyo bimeze nk'icunga, ariko si ryo.

“Ariko hazabaho umucyo”, igihe rizaba rimaze gukura rikarenga idini. Igihe rizaba rimaze kurenga urwego rw'idini, rizongera rirabye, rizabyara amacunga asa nk'uko ryari rimeze igihe ryinjiraga mu butaka, ubwo noneho hazaba umucyo.

Uku ni ukuhe gukurura? Iki ni ikihe gikorwa? Ni ugusohora kw'Ijambo ry'Imana. Hari ibihamya bibiri mu Isezerano rya Cyera byatumye ibi biba.

55 Dufate Yohana 14: 12 mu Isezerano Rishya, Yesu yaravuze ati: . . . Uwunyizera nawe azakora imirimo nkora . . .

Na none Yaravuze muri Luka 17:22 kugeza kuri 30 ati: Nk'uko byari bimeze mu minsi ya Nowa, mbere y'uko Sodomo itwikwa, ni ko bizamera mu kugaruka kw'Umwana w'Umuntu, ku munsi Umwana w'Umuntu

azaba ari guhishurwa.

Yoo, murebe gusa Ibyanditswe! "Umwana w'Umuntu'', uko Yesu Kirisito yari ari ejo, ni ko ari uyu munsi kandi ni ko azahora iteka n'iteka, Yarakuze kugeza aho Arenga amadini, Yarakuze kugera ku gasongero k'Igiti. Yavuze iki muri Yohana 14 cyangwa 15? Ishami ryose ryo muri njye ritera imbuto, rizatemwa, rikurweho, rijugunywe mu muriro kandi ritwikwe. Ariko ishami ryose rizabyara imbuto rizakurwaho amahange.

56 Yoo, hazabaho imvura y'ukuri y'igihe cya mbere n'icya nyuma mu minsi ya nyuma kuri iki gice cy'abantu gito kizanye na We ku cyana cy'indogobe, yoroheje kandi aciye bugufi, ntaho ihuriye n'amadini, n'ijwi rirenga bati: "Hoziyana ku Mwami uje mu Izina ry'Uwiteka!" Ni iki kiri kuba uyu munsi? Uku ni ukuhe gukurura kuri ku musozi?

57 Nta gihe kirekire gishize, nari mpagaze kuri uru ruhimbi, Umwuka Wera yaravuze ati: "Hazabaho umunsi bazashinga inkomangizo imbere y'inzu yawe, bazarandura uruzitiro rwawe. Ndetse, ibyo - ntuzabigire ikibazo, ntuzarakare". Nabonye uruzitiro rwanjye ruranduzwa kandi rushingwa ku musozi. Nabonye umusozi imbere yanjye, ucukuwe, imiharuro n'ibindi bintu byari aho, aho ikintu cyari cyabigabanyijemo utubanza duto. Aravuga ati… Ndareba kandi hari Akagegera (Ricky) kaje aho, gahirika urwo ruzitiro, kakoze ibyo. Naravuze nti: kuki utabimbwiye? Nabonye kansuzuguye, bituma ngakubita. Kandi igihe byababaga, naravuze nti: "Sinongeye kubikora kuva aho mviriye ku kibuga cy'imirwano, ariko nifuzaga ko gusa wamenya. . ." nuko ngikubita umugeri. Kandi nyuma yo kugakubita hasi, ndakabyutsa ndongera ngakubita hasi. Nakabyukije inshuro eshatu cyangwa enye, bwa nyuma nakohereje ku musozi n'umugeri. Nyuma, nagiye aho, ndavuga nti: "ibyo si byiza". Noneho, ndagahagurutsa kandi ngafata ikiganza, ndavuga nti: "Sinkurakariye, ariko nashakaga ko gusa umenya ko udashobora kumbwira gutyo". Noneho, igihe nahindukiraga, nkagaruka, Umwuka Wera yari aho, ku ruzitiro, Yaravuze ati: "Noneho, bice ku ruhande. Igihe iyo nkomangizo izashingwa, uzajye mu Burengerazuba".

Iki gitabo ni cyo nkeneye,

Iki gitabo ni uburyo bwiza,

Inzira igaragaza uko twarwanya imibabaro yacu. Amina!

Kandi ik'igitabo ni Ijambo, kandi iri Ijambo ni Imana. Kizababwira icyo gukora kugira ngo murwanye ibibatera umubabaro.

58 Hashize imyaka itatu, numvishe inshuti yanjye, umuhanga mu gushushanya inyubako z'umugi, yari arimo gushinga inkomangizo, atuye aho hasi, ku muhanda w'iwanjye. Nagiye aho, ndabaza nti: "Muri mu biki Mud?" Ni umuhungu w'Umugabo King, inshuti yanjye bwite.

Arasubiza ati: "Billy, tugiye kwagura uy'umuhanda".

Mwese murabyibuka. Naravuze nti: "Birashoka ko byaba ari iteme". Nari nabibwiye mwene Data Woods. Naramubwiye nti: "Rinda ubutunzi bwawe. Birashoka ko ir'iteme ryanyura aha, cyangwa ikintu nk'iki". Umuhanda wari warasenyutse; amatafari n'amabuye anyanyagiye hose. Noneho aravuga ati. . . Ndavuga nti: "Rinda ubutunzi bwawe". Ubwo, igihe na. . .

Umugabo King ambwira ko byagombaga kuba. Ninjiye mu nzu, mbwira umugore wanjye, wari wicaye aho, nti: ''Mukunzi, hari ikintu cyanditswe ahantu ku bijyanye n'ibyo. NI KO UWITEKA AVUZE".

59 Ninjiye mu nzu, mfata igitabo cyanjye, ndagisuzuma, hari handitsemo ngo: "Bizaba…" nyuma y'imyaka umunani!

Noneho igihe nabibonaga, naravuze nti: "Mukunzi, ubu noneho ni cyo gihe ngo tujye mu Burengerazuba".

Iminsi ibiri nyuma y'ibyo, narimpagaze mu cyumba, mu gitondo, mu masayine, ninjira mu Mwuka w'Imana; mbona itsinda ry'inuma nto ziguruka, narebye ibyo bisiga bito. Murabyibuka. Nabonye Abamalayika barindwi mu ishusho ya piramide baza bansanga bihuta cyane. Yaravuze ati: "Uzagane i Burengerazuba, uzajye i Tucson; uzaba hafi ku birometero 64 mu Majyaruguru y'i Burasirazuba kandi uzaba uri gukura ku myenda yawe ibishokoro, cyangwa bullheader. Nk'uko babyita hariya.

60 Mwene Data Fred Sothmann, wicaye aho uri kundeba ubu uy'umwanya, yari ahari icyo gitondo. Nari nabyibagiwe.

Naravuze nti: "Habaye guturika kumvikanye nk'igishyitsi cy'isi, ibyo byanyeganyije hafi ibintu byose byari mu gihugu. Simbona ukuntu umuntu yashobora kubirokoka". Nagize ubwoba. Nari ndi i Phoenix. Mwese, munyumva uyu mugoroba, mumpamirize aho. Nari nigishije kuri icyo kintu ubutumwa buvuga ngo "Bagabo, ni gihe ki?" Turi he? Nagiye i burengerazuba. Benshi muri mwe, mufite iyi bande, benshi muri mwe mwumvishe ibyo bivugwa, umwaka umwe cyangwa mbere cyane yuko biba.

61 Nagiye mu burengerazuba, nibiza ibyagombaga kuba. Umunsi umwe, nakiriye umuhamagaro w'Umwami. Nabwiye umugore wanjye, naravuze nti: "Mukunzi, ndi… akazi kanjye wenda kararangiye", sinarimbizi. Ndavuga nti: "Njye… Imana wenda irangizanije na njye ubu, ngiye gutaha mu Rugo. Wowe, genda ushake Billy, fata abana, Imana izabacira inzira, mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Jya mbere kandi utunganire Imana. Uzakore uko ushoboye abana barangize amashuri, uzabarere mu gutinya Imana".

Aravuga ati: "Bill, ntuzi - ntuzi niba ari ukuri".

Ndavuga nti: "Oya, ariko umuntu ntiyashobora kubirokoka".

Mu gitondo, Umwami arankangura, Aravuga ati: "Zamuka aho i Sabino Canyon." Mfata igice cy'urupapuro na Bibiliya yanjye.

Umugore wanjye arabaza ati: "Ugiye he?" Ndavuga nti "Simbizi. Ndabikubwira ningaruka".

62 Nzamuka mu Kibaya, ndurira kugera aho ibizu byagurukaga impande zose. Mbona ifumberi yari iri aho. Ndapfukama ngo nsenge, kandi nzamura ibiganza byanjye, noneho Inkota ikubita ikiganza cyanjye. Ndeba impande zose. Ndatekereza nti: "Ni ibiki?" sindi njyenyine. Reba iyi nkota mu kiganza cyanjye, ityaye, icanye, ishashagirana nk'izuba. Ndavuga nti: "Noneho, nta muntu uri iruhande rwanjye ku birometero aha hejuru cyane muri iyi manga. Ibi byaba bivuye he?"

Numva Ijwi rivuga riti: "Ni Inkota y'Umwami".

Ndavuga nti: "Umwami w'umuntu ugenda ku ndogobe n'inkota".

Ara - Ijwi riragaruka, riravuga riti: "Si inkota y'umwami, ahubwo ni Inkota y'Umwami, Ijambo ry'Umwami". Aravuga ati: "Witinya, ni ugukurura kwa Gatatu gusa. Ni igihamya cy'ubukozi bwawe."

63 Najyaga guhiga n'inshuti yanjye, ntazi ikigiye kuba. Umuntu aranterefona, ni uwari wandwanyije ku bijyanye n'ifoto ya Malayika w'Umwami, uwari wayifashe. Nagombaga kujya i Houston, ku bw'umuhungu we, kuko yagombaga kujya mu bagororwa bagomba kwicwa kandi yagombaga kwicwa umunsi runaka. Ansanga aho, arandamutsa, aravuga ati: "Mubitekerezeho, umuntu narwanyije aje kurokora umuhungu wanjye w'ikinege!" Ishyirahamwe rirengera ikiremwa muntu rimpa icyo bita Oscar, cyangwa sinzi uko mubyita, kuko narokoye ubuzima.

64 Nyuma, twaratashye, nazamutse ku musozi kugira ngo mpige. Aho, Mwene Data Fred na njye, mu gitondo, igihe nasohokaga, kandi na - nafashe pecari yanjye, noneho ndareba, mbona aho abandi baganaga. Ndavuga nti: "Mwene Data Fred, wowe uzajye kuri uriya musozi mu gitondo kare, nimugoroba, nzajya ku wundi. Sinzarasa isatura, sinzayica. Ariko niba uy'umukumbi, niziza muri iki cyerekezo, nzarasa imbere yazo, ubwo zizahindukira".

65 Mwene Data Fred ajya aho kandi nta satura zari zihari. Ampa ikimenyetso n'ikiganza, ndamubona. Manuka mu kibaya, muri ibyo byobo binini, izuba ryarimo rirenga. Nagiye ku rundi ruhande rw'umusozi nta kintu ntekerezaho kijyanye n'ubuhanuzi. Ndicara, ntegereje, nduhuka; ndatekereza nti: "Byagenze gute kuri iz'isatura".

Mfata intuza yanjye. . . ndicara, amaguru asobekeranye nk'uko Abahinde babigenza, murabizi. Ndeba ku kuguru k'umwenda wange wa siporo, hariho igishokoro. Nkikuraho. Ndavuga nti: "Ntibisanzwe! Dore ndi hafi kuri mayilo 40 [km 43 - N.D.T.] mu majyaruguru y'uburasirazuba ya Tucson. Agahungu kanjye Yozefu kicaye aho kantegereje". Mu gihe narebaga, mbona umukumbi w'isatura uhinguka muri hafi yade 1000 [km 1 - N.D.T.] uza aho ndi, hejuru y'umusozi, njugunya igishokoro hasi. Ndavuga nti: "Ngiye kuzifata. Ndajya gushaka Mwene Data Fred kandi ndafatisha igice cy'urupapuro kuri iyi ocotillo [Ubwoko bw'igiti cyo mu butayo bwo mu majyepfo y'uburengerazuba ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. - N.D.T.] kugira ngo menye inzira ngomba gufata, noneho tujye gushaka Mwene Data Fred.

Noneho ntangira kuzamuka umusozi n'imbaraga niruka cyane uko mbishoboye ku rundi ruhande. Ako kanya, ntekereza ko umuntu yandasheho. Sinari nigeze numva guturika nk'uko; ibyo byanyeganyeje igihugu cyose rwose. Kandi, igihe ibyo byabaga, hari itsinda ry'Abamarayika barindwi bari bahagaze imbere yanjye.

66 Mpura na Mwene Data Fred n'abandi nyuma gato.

Arabaza ati: "Byari ibiki?"

Ndasubiza nti: "Byari ibyo."

"Ni iki ugiye gukora?" Gutaha mu rugo. Kuko NI KO UWITEKA AVUZE, ubwiru burindwi bwahishwe muri Bibiliya iy'imyaka yose, ay'amadini n'ibindi, Imana igiye kudufungurira ub'ubwiru burindwi mu bimenyetso birindwi!

Hari urwo ruziga rwazamukaga ku isi, rukoze ikintu kimeze nk'igicu. Igihe ibyo byabaga, bizamuka

neza biringaniye mu musozi, bitangira gukora uruziga rujya mu burengerazuba, biturutse mu cyerekezo byaturutsemo. Abahanga babivumbuye nyuma gato, byapimaga mayilo 30 [km 48 - N.D.T.] z'ubugari, bimeze neza cyane n'ishusho ya piramide.

67 Noneho undi munsi, mpagarara aho, mpindukiza ifoto iburyo, aho hari Yesu nk'uko Yari mu Bisekuru Birindwi by'Itorero, afite umusatsi w'umweru kugira ngo agaragaze Ubumana bw'Ikirenga. Ni Alufa na Omega, Ni Itangiriro n'Iherezo; Ni Umucamanza w'Ikirenga w'Iteka ryose, Uhagaze aho, Yahamirije Ubutumwa bw'iyi saha. Kandi hazaba Umucyo w'igihe cya nimugoroba! Ibyo byose bisobanuye iki? Byari ibiki?

68 Nagiye Iburengerazuba. Nyuze hariya, kuri uy'umusozi, hamwe na Banks Woods; Aravuga ati: "Tera ibuye mu kirere. Bwira Umugabo Woods uti: "NI KO UWITEKA AVUZE, uzabona Ubwiza bw'Imana".

Bucyeye bw'aho, mu gihe nari mpagaze aho, haza inkubiri y'umuyaga, isimbutsa imisozi. Amabuye agabanya agasongero k'ibiti ku birenge 3 cyangwa 4 [cm 90 cyangwa 120 - N.D.T.] hejuru y'umutwe wanjye. Habaho guturika gutatu gukomeye, bene Data biruka bagwirirana. Hari hafi abantu cumi na batanu bari bahagaze aho, abavugabutumwa n'abandi. Arabaza ati: "Ibyo ni ibiki?", ''Ibyo ni ibiki?"

Ndasubiza nti: "Urubanza rukubise Igice cy'Uburengerazuba".

69 Hafi iminsi ibiri nyuma y'ibyo, Alaska yenda hafi kumirwa n'umutingito w'isi. Uriya Mucyo ni uwuhe ku Musozi wa Sunset [Umusozi w'aho izuba rirengera - N.D.T.], mu ishyamba rya Coronado muri Arizona? Ik'ikintu kidasanzwe cyabereye aho ni ikihe, cyatumye abantu bava Iburasirazuba bajya i Burengerazuba, kandi bakayora amabuye yari ari aho, aho Ibyo byakubise? Kandi buri rimwe muri yo, buri buye ibyo byaranduje ryari rifite imfuruka ishatu kuri ryo. (bitatu bikoze kimwe.) Baryamye ku meza, ku buremere bw'impapuro, mu gihugu cyose. Ik'ikintu kidasanzwe ni ikihe ku Musozi wa Sunset, mu ishyamba rya Coronado?

70 Junior Jackson ari kumva; muribuka inzozi yagize, nkazisobanura nti "Tugana mu kurenga kw'izuba?" Kandi ibyo byabereye ku Musozi Sunset. Ni igihe cy'umugoroba, igihe cyo kurenga kw'izuba. Ubutumwa bwo kurenga kw'izuba, kw'iherezo ry'amateka, cyangwa ahubwo kw'iherezo ry'ubuhanuzi, burasohoye. Kandi hazabaho Umucyo mu gihe cy'umugoroba, ku Musozi wa Sunset, mu ishyamba rya Coronado, kuri km 64 mu majyaruguru ya Tucson. Murebe ku ikarita, murebe niba Sunset Peak [Agasongero ko ku musozi aho izuba rirengera - N.D.T.] katari aho ngaho. Ni aho rwose byabereye. Sinari nigeze mbimenya mbere y'uwo munsi.

71 Ibintu byose. . . Ibyo ntibipfa na rimwe. Ibyo byihishura mu buryo budahinduka. Kuva mu gusohora kw'ikintu ubwacyo kugeza kw'ifoto igaragaza Yesu ari kutureba; none n'ubu ni kimwe neza no ku Musozi wa Sunset, umucyo w'izuba rirenga. Umucyo w'umugoroba waraje, Imana yihamiriza Ubwayo. Ibi ni ibiki? Ni igisobanuro cy'uko Imana na Kirisito ari Umwe. "Umweru" - ni bangahe babibonye, umusatsi w'umweru kuri We, nk'uko twabivuzeho mu Byahishuwe 1? Murabona, Ubumana bw'Ikirenga, Ubutware bw'Ikirenga, nta rindi ijwi, nta yinda mana, nta kindi kintu! Muri We hatuye mu buryo bw'umubiri kuzura k'Ubumana. Abamarayika ubwabo bari bakoze ishusho y'umusatsi We. Amina.

72 Byagenze gute ku Musozi Sunset? Ni Imana ihamya Ijambo Ryayo. Ni yo mpamvu habayeho uko guturika kose. Murebe, ni Imana iriguhamya na none Ijambo Ryayo ryasezeranijwe mu Byahishuwe 10: 1 kugera kuri 7: "Ahubwo mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi, ubwo azatangira kuvuza impanda, ni ho ubwiru bw'Imana buzaba busohoye." Ubwiru bwahishwe bw'Ibyahishuwe 10: 1 kugeza kuri 7, Ubutumwa bw'igisekuru giheruka cy'itorero. Ibyo bisohoza neza Mutagatifu Luka 17: 30, muri ik'igisekuru: "Umunsi Umwana w'Umuntu azahishurwa".

Kandi hazahaguruka abahanuzi b'ibinyoma na ba Kirisito b'ibinyoma bazakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza kugeza aho bayobya n'Abatoranijwe, bibaye byashoboka. "Abantu bazaba na none mu gushidikanya. Kandi, nk'ibisanzwe, Itorero riri naryo mu rujijo.

73 Kandi muri ik'igihe ubumenyi, hose i Tucson bandika amakuru kandi bakayasohora mu kinyamakuru. Aho, kure ku Musozi Lemmon, izo kamera zikomeye ntizabibonye bizamuka aho, aho twari duhagaze kandi bikomeza mu burengerazuba. Byerekana ko igihe kirangiye. Ibyo bishobora kuhirukanka gusa igihe kigufi. Ni ku gice cy'uburengerazuba. Urubanza rwakubise rwose mu cyerecyezo kimwe aho ibyo byagiye. Bizamuka rwose hejuru ya Phoenix, rwose ku rundi ruhande, hejuru ya Prescott kandi no hakurya y'imisozi ugana ku Gice cy'Uburengerazuba, uwo mwanya hejuru ugana. . . Byajyaga he? Uwo mwanya muri Alaska kandi byaturitse nk'inkuba bigana muri icyo cyerekezo.

74 Kandi ababyitegereje n'abandi bose barakibaza ibibazo, ubushakashatsi bw'abanyabwenge burageregeza kuvumbura ibyari byo. Ni hejuru cyane kuburyo hataboneka igicu, igicu cyoroshye n'ibindi, aho hejuru. Ibyo byakoze iki? Ibyo biri he? Bose bari mu rujijo ku bijyanye n'urwo Ruziga rushashagirana rudasanzwe ruhagaze aho mu ijuru nk'uko bari bameze igihe abanyabwenge bazaga, bakurikiye inyenyeri, kandi babaza bati: "Umwami w'Abayuda umaze kuvuka ari he? Ibi ni ibiki? Imana isohoza Ijambo Ryayo:

”Kandi Ikiremwa cyo mu ijuru kizasohoka kwa Yakobo‟.

75 Kandi Imana yo mu ijuru yasezeranye ko igihe cy'umugoroba kizagira imicyo y'umugoroba. Hashize imyaka itatu, ub'ubwiru bwari ubuhanuzi: ''Mugabo, ni gihe ki?‟ Ariko noneho, ni amateka. Byararangiye. Isezerano ryarasohoye. Mugabo, ni gihe ki kandi uku gukurura ni ukuhe? Ni Imana isohoza Ijambo Ryayo! Uko yari iri ejo, ni ko Iri uyu munsi kandi ni ko Izahora iteka ryose.

Dusenge:

76 Mana mukunzi mwiza, natindije abantu cyane, cyane rwose ku buryo atari byo naringambiriye. Ndasaba, Yoo Mana, ko ibyavuzwe cyangwa ibyakozwe bijyana abantu bose ku kumva. Kandi nibareba, bakumva, bashobore kwizera ko Uri Kirisito nyawe kandi ko amagambo ari kujyenda ahamirizwa ari igihamya ko Ijambo Ryawe ari ukuri kandi ko Risohora mu gihe Cyaryo.

Noneho, Mwami Yesu, dukurikije Amagambo Yawe bwite, Wavuze ko isi izaba mu buzima nk'ubwa sodomo. Turabizi, dushobora kubibona. Kandi Wavuze ko, kuri uwo munsi: “Nk'uko byari bimeze i Sodomo. Hari intumwa eshatu zoherejwe ku Banyamahanga no ku Baheburayo. Kandi Umwe muri bo, yari Imana Ubwayo, Umwana w'Umuntu, Yihishuye mu ishusho y'umuntu, asohoza igitangaza kugeza aho ahishurira Aburahamu ibyo Sara yakoraga inyuma Ye, mu ihema.

Wavuze ko bizusibiramo na none igihe isi y'Abanyamahanga yose izaba iri mu buzima nk'ubwa Sodomo. Kandi ni ho turi, Mwami. Ubundi buhanuzi buhamya icyo kintu, igikorwa cyo kohereza Eliya mu minsi ya nyuma, Umwuka wa Eliya ku isi, kugira ngo agarure imitima ya badata, cyangwa ahubwo “abana kuri badata”. Kandi ndasaba, Yoo Mana, ko muri iy'isaha Uhamiriza Ijambo Ryawe ariryo rituma Udahinduka uko Wari uri ejo, uyu munsi kandi n'iteka ryose. Bitange, Data. Bose ni abawe. Ndasaba ngo Utange imigisha kandi ngo Uhamirize ibyavuzwe, ku bw'Icyubahiro cy'Imana. Mu Izina rya Yesu Kirisito. Amina.

77 Kuvuga ijambo ni umuntu; guhamiriza ijambo ni Imana. Kugira icyo utangaza ni kimwe, Imana kugisohoza ni ikindi. Imana nticyeneye umusobanuzi. Irisobanura Ubwayo.

Noneho, twegereje kugira imirongo yo gusengerwa, yo gusengera abarwayi, Imana nibishaka. Kandi tuzi ko nta muntu, nta muntu n'umwe, nta mugore n'umwe, nta kiremwa muntu na kimwe, nta marayika n'umwe, ushobora kubakiza, kuko Imana yamaze kubikora. Yarabiteguye, ikintu kimwe mugomba gukora, ni ukucyakira.

78 Nta muntu n'umwe, nta marayika n'umwe, nta kintu na kimwe, ndetse n'Imana Ubwayo, gishobora kubabarira ibyaha byanyu. Ibyo byamaze gukorwa. Yesu yabikoreye ku musaraba. Ariko ibyo nta cyo bizababamarira, uko byagenda kose, nta cyo bizababamarira kugeza igihe mubyemereye. Murabona?

Ikintu kimwe gishobora gukorwa, ni gahunda yatanzwe n'Imana ku bizera yo kurambika ibiganza ku barwayi. Ibyo byagiye bikorwa mu bisekuru, binyuze mu bubyutse. Kandi ibyo babyise “Imana”.

79 Aburahamu yabonye ibimenyetso byinshi, ariko hageze igihe Aburahamu abona icyimenyetso cye cya nyuma, rwose mbere y'uko Sodomo itwikwa; kandi yari Imana yigaragaza mu ishusho y'umuntu. Ibyo murabyizera? Yesu yavuze ko ibyo bizisubiramo?

80 Noneho, ni bangahe aha. . . no kuri radiyo cyangwa telefoni, mu gihugu, niba mukiri kumva, mwitegure noneho ku bw'isengesho, mube mu isengesho, mwe mwashyize iy'imiswaro aha. Noneho, sinshobora kubwira Imana ikigomba gukorwa. Oya, birakanjya kure ndetse n'igiterezo cyo kubigerageza Irigenga. Ikora ibyo Ishaka. Njye, nshobora kubaha gusa kandi nshobora kuvuga gusa icyo Ivuze.

81 Kandi noneho, bahagaze irunde rw'inkuta, baregeranye kandi barabyigana. Ndibaza niba dushobora gusaba Imana dushingiye kuri ay'amagambo “Uku gukurura ni ukuhe?” - niba Imana ishobora kugenda muri twe na none (hari wenda abanyamahanga aha), no kugenda muri twe kandi Ikerekana mu maso Hayo h'umugisha muri twe, Ikerekana ko Umwuka We uri aha, Ikerekana ko uko Yari ejo, ari ko Iri uyu munsi n'iteka ryose, kugira ngo buri umwe muri twe (nyuma y'ubu Butumwa bubiri bukomeye) ashobore kwizera ko ari ko bimeze, mushobora kubyizera? Byiza cyane.

82 Aho kugira ngo dukore imirongo yo gusengerwa, kuko hashyushye kandi abantu bakaba begerenye cyane, bahagaze babyigana n'inkuta. . . Ndareba impande zose, muri ik'icyerekezo, ntibishoboka guhamagara umurongo wanjye w'abasengerwa. Murebe, abantu bahagaze hariya. Nshobora kuwukora kuri uru uruhande? Murarwaye, muryamye ku buriri n'ahandi, ntitwashobora kubikora. Ku bw'ibyo, mugume mwicare aho muri, mwizere Imana. Niba mufite ikarita yo gusengerwa, muyigumane, biraba byiza. Turagera no kuri mwe niba mushaka kuza mu murongo. Ariko ntimutegetswe kunyura mu murongo.

83 Uy'Umugabo Shepherd, mu cyumweru gishize nimugoroba, ntiyigeze anyura mu murongo. Sinte - sintekereza ko yari afite ikarita yo gusengerwa. Bwana Shepherd ari hano uyu mugoroba? Ari he? Ari hano? Ari mo hagati. Mwari mufite ikarita yo gusengerwa? Bwana Shepherd? Ntayo mwari mufite? Ntayo

yari afite. Yicaye na none aho yari yicaye, uyu mugoroba. Ni ahantu ho kwicara, Mwene Data Shepherd.

84 Si ukuba muri aho gusa, ahubwo muri make mugire ukwizera, kuko mwibuke, umugore muto wakoze ku mwenda We kandi Akabyumva. Uko Yari ari ejo, ni ko Ari uyu munsi, n'iteka ryose. Urwandiko rwandikiwe Abaheburayo, mu Isezerano Rishya, havuga ko uyu mugoroba Ari Umwami n'Umutambyi ushobora "kugirira impuhwe ubumuga bwacu". Murabyizera? Mugire ukwizera gusa! Mwibishidikanyaho. Mumwizere, kandi bizaba. Mushobora kubona ibyo mwa - mwasabye, niba mushobora kubyizera. Ariko mugomba kubyizera. Muzabikora? Muzabyizera mwese? Noneho ni bangahe bazabyizera? Imana ibahe umugisha.

Nta muntu nzi. Nta muntu nzi muri mwe. Si akazi kanjye kumenya umuntu uwo ari we wese muri mwe. Ni iby'Imana kumenya ib'ibintu. Ariko Izabikora aruko muyizeye. Noneho, muzabyizera?

85 Noneho, Mana mukunzi mwiza, ntituri agatsiko rwose k'Abakirisitu b'ibivange, ntitwakagombye kubiba, ntituri abagomba guteteshwa no gufatwa nk'abana. Ntufite iyo kamere, Mwami. Ugira abizera bakomeye. Ndetse kuhaba kw'Imana gutwika umutima w'umuntu. Ni nk'Aburahamu, yizeraga Imana. Wamwimenyekanishijeho, nyuma Uramubonekera, Wasohoje ikimenyetso, kandi yarakwizeye. Wahinduye umubiri we, umubiri w'umusore kandi ni ko wabijyenje no ku mugore we; umugore we yari igice cy'umubiri we. Ubwo noneho havuka umwana mushya, umuhungu wasezeranijwe.

86 Mana, Wasezeranije ko ari ko bizamera uyu munsi. Ndagusaba guhamiriza ir'Ijambo. Kandi turibushingire ku rufatiro rw'iryo sezerano gusa, nk'uko rivuga ko bizamera nk'uko byari bimeze i Sodomo, mbere rwose y'uko Sodomo itwikwa n'urubanza rukayikubita, isi y'Abanyamahanga. Na none kandi urubanza rwiteguye gukubita isi y'Abanyamahanga kandi abayuda bafite imyaka itatu n'igice yiyongeraho, mu gihe cy'Umubabaro ukomeye, umuhangayiko wa Yakobo, gukomeza kw'ibyumweru mirongo irindwi bya Daniel. Ariko imi. . . y'Abanyamahanga irabaze, ni igihe cyo kugenda. Kandi Watanze ik'ikimenyetso, kandi Wavuze ko ari ko na none bizagenda. Bitange, o Mana. Bari. . . turi mu biganza byawe, dukorere ibikubereye byiza. Mu Izina rya Yesu Kirisito. Amina.

87 Noneho, ntimushyuhe mu mutwe. Byagenda gute nta meze neza mu mutwe? Noneho, aha nkora ikintu kijyanye gusa n'ubudahangarwa bw'Imana. Ariko kuki nkora ibi? Yavuze ko ibyo bizabaho. Bisubiza ikibazo. Kandi niba We ubwe abikora kandi ndetse Akabihamiriza imbere yacu, ubwo, ntimuzashobora kumwizera? Nta gushidikanya. Mwebwe, mugire ukwizera noneho kandi mwizere. Mundeke gusa ndebe impande zose, ndebe aho Umwuka Wera aribuyobore, icyo Ari bukore. Si nzi icyo Ari bukore, ibyo ni We bireba. Ariko niba mushaka gusa kugira ukwizera, kwizera gusa : "ibintu byose bishobokera abizera". Reka abantu bose muri mwe babyizera bazamure ikiganza kandi bavuge bati : "Ndabyizera rwose. [Iteraniro risubiramo riti : ndabyizera rwose] ndabyizera n'umutima wanjye wose".

88 Noneho, gatatu bizaba igihamya, Nabikora inshuro eshatu zikurikirana kugira ngo Abahamirize ko ibyo ari ukuri. Aho mwaba muri hose, uwo mwaba muri we wese, mwebwe, mugire ukwizera gusa kandi mwizere. Noneho, mwi - mwizunguruka.

Madamu, muri gusenga, simbazi. Mugume rwose aho muri; ntimutegetswe kuza. Simbazi, ariko muteruye umukobwa muto mu biganza byanyu cyangwa ku mavi yanyu. Ndi umunyamahanga wuzuye kuri mwe. Kandi umukobwa muto arasa nk'umeze neza, ameze neza. Ni umukobwa muto mwiza, umukobwa muto ufite umusatsi w'umutuku wijimye. Ndamureba aha, ntameze nk'umugaye cyangwa ikindi kintu cyose. Sinzi ikitagenda kuri we. Birashoboka ko atari ikibazo cy'umwana. Birashoboka ko ari ku bwanyu. Ariko gusa nababonye mwicaye aho n'umwana muri gusenga. Ngomba kubavugisha akanya kugira ngo mfate umwuka wanyu, nk'uko Yesu yabwiye umugore ati : ""Nzanira icyo kunywa," murabona, kugira ngo gusa Amenye - Amenye uwo muntu uwo ari we. Nzi ab'abantu bicaye aha, Mwene Data Bryant n'abicaye aha. Na bo bashobora kuba bafite ikibazo, ariko mwe, muri umunyamahanga.

Mwizeye ko ndi umuhanuzi w'Imana? Mwizeye ko ib'ibintu mwumvishe uyu mugoroba ari Ukuri? Noneho, Imana nimpishurira ikintu mwakoze, cyangwa ikintu mutagombaga gukora, cyangwa ikintu kitagenda kuri mwe cyangwa ikifuzo cyanyu, muzamenya niba ari ukuri cyangwa atari ukuri. Sibyo? Kandi Nabikora, bizahamiriza Ijambo Rye, ko uko Yari ejo, ari ko Ari uyu munsi n'iteka ryose, kandi ko Mutagatifu Luka 17: 30 birimo kwigaragaza? Murabyizeye?

89 Noneho, umudamu yazamuye ikiganza, agaragaza ko turi abanyamahanga, umwe k'uwundi. Simbazi; ariko ndagerageza gushaka umwuka we, umuntu umwe gusa. Hari benshi muri mwe bakurura. Noneho, mwebwe, mwizere ibi n'umutima wanyu wose. Noneho, ni ku bw'umukobwa muto. Si ku bwanyu. Mushyushye mu mutwe, ariko si ugushyuha mu mutwe bibateye ibibazo. Ikintu gikomeye mufite ku mutima, ni uy'umukobwa muto. Mwizeye ko Imana yambwira ibyo ari byo? Murabyizeye? Ibyo bizabafasha? Ni ikibazo cyo mu bwonko. Ni byo? Noneho, murambike ikiganza cyanyu ku mutwe w'umwana muto, ikiganza cyanyu.

90 Mana mukunzi mwiza, Waravuze uti : "Dore ibimenyetso bizaherekeza abazizera. Bazarambika ibiganza ku barwayi kandi abarwayi bazakira". Uy'umugore ni umwizera. Ikiganza cye kiri ku mwana. Reka

akire. Mbisabye mu Izina rya Yesu Kirisito. Amina.

Noneho, murizeye, mwese? Niba mushobora kwizera, byose birashoboka. Nta gushidikanya!

Nzi umudamu wicaye iruhande rwe, kandi arareba aha n'umutima umenetse cyane. Sinshobora kuvuga izina rye, ariko na. . . murebye akanya, namumenya. Ariko muzi isura, ariko sinzi ikibazo cye. Mwizeye ko njye. . . ko Imana izamenyesha ikibazo cyanyu? Murashaka. . . ibyo bizabafasha? Diyabete y'isukari. Noneho, niba ari byo, muzamure ikiganza. Nta gushidikanya!

Birashoboka ko umudamu uryamye, . . . wicaye iruhande rwanyu, afite nk'icyo kibazo. Ni umunyamahanga. Undi mudamu arigusengera umuntu, umwana wamugaye. Mwizere n'umutima wanyu wose, Imana irabitanga.

91 Umuntu aha inyuma. Umugabo wicaye aho uri kugerageza kureka kunywa itabi. Mwizeye ko Imana izabibakiza? Byiza cyane. Murizeye? Mushobora kubibona. Sinigeze mbona uy'umugabo mu buzima bwanjye.

Dore umugabo. Murabona ik'igicucu cy'umukara gihagaze hejuru y'uy'umugabo, uryamye aha. Ku kintu kimeze nk'uburiri cyangwa intebe? Ari gupfa. Atwikiriwe n'igicucu. Afite kanseri. Sinzi uy'umugabo, sinigeze mubona. Imana izi ibyanyu byose. Ni ukuri, Mugabo. Mwizeye ko Imana ishobora kumpishurira ikintu kuri mwe? Ibyo bizababafasha kwakira gukira kwanyu? [Mwene Data aravuga ati : "Yego".] Mwazanywe aha n'inshuti, ariko ntimuri ab'aha, muri ab'ahantu hari ikiyaga kinini baroba mwo. ["Yego"] Yego, muri Albany, i Kentucky. ["Ni byo rwose"] Ni byo. Mwizere, murasubira mu rugo mumeze neza. Mwizere ko yagiye. Ni mubyizera gusa! Mugomba kubyizera, kandi mwizere ko byakozwe ku bwanyu. Murizeye?

92 Mwebwe, b'i Tannessee, mufite umwana urwaye asima. Ntari aha, ariko mwizeye ko azakira? Noneho, mumushyire umuswaro, mu. . . aho mu kiganza cyanyu. Azakira nimubyizera.

Umudamu uri kurira, wicaye hariya ku ruhande ruteganye n'urwo Dogiteri Vayle ari mo. Na we kandi atwikiriwe n'igicucu, n'igicucu cy'umukara. Sinigeze mbona uno mugore mu buzima bwanjye, ariko arwaye kanseri. Azapfa niba nta gikozwe kuri we. Mwizeye ko Aribubakize, Madamu? Murabishobora? Mushobora kwakira gukira kwanyu, niba gusa mwizeye.

Hari umudamu muto wicaye rwose inyuma ye ufite umuswaro aho ku munwa. Kandi na we afite igifu gifite ibisebe, ararwaye. Mufite ibibazo, byo kureba nabi no kubura ubwenge. Hari uwabazanye aha. Mufite ibibazo bya kigore. Niba mwizeye, mushobora gutaha mu rugo mumeze neza.

93 Mwebwe, musore, muri umunyamahanga; mwicaye rwose aha imbere yanjye, mundeba. Muri bande, umanyaportorika cyangwa ikindi kintu nk'icyo? Yego, ndashaka kuvuga. . .?. . . Ndi umunyamahanga kuri mwe. Murabizi, ndetse ntimuri abo mu ghugu cyacu. Ariko mwizeye ko Imana ishobora kubaha icyifuzo cyo ku mutima wanyu? Nimbabwira icyifuzo cyanyu, muracyakira? Murashaka umubatizo w'Umwuka Wera. Ni byo. Mwakire Umwuka Wera, mwene Da!

Dore umugabo w'umwirabura wicaye aha inyuma, afite umutwaro ku mutima. Ni ibijyanye n'umugore we. Nta nubwo ari aha. Afite ikibazo ku maguru ye. Mwizeye ko Iribumukize? Murabyizeye? Muri umunyamahanga aha. Muvuye hakurya y'inyanja. Muvuye muri Jamaika. Mwizeye ko Imana ishobora kumbwira uwo muri we? Bwana Braden. Murizeye? Yesu Kirisito uko Yari ejo, ni ko Akiri uyu munsi n'iteka ryose.

94 Uy'umudamu wicaye aho inyuma, imbere aha, iruhande rwa Madamu Wright, aho, afite umutwaro ku mutima we. Arasengera umukobwa we. Arenda kubagwa. Mumwizereye n'umutima wanyu wose ntazabikenera, nimubimwizeza. Sinshobora gukiza.

Aho inyuma aho barerera abana, ndabona Umwuka w'Umwami, Marayika, Umucyo ujya aho barerera abana. Uri hejuru y'umugore ukiri muto, kandi afite ikibazo cyo mu mwuka yibazaho ibibazo. Birasa nk'aho mu buryo bumwe cyangwa ubundi nakagombye kuba muzi, umugore muto. Nawe kandi afite ikibazo cy'abagore. Yego. Izina rye ni Madamu West w'i Alabama, Madamu David West. Mwizere, Imana izabibaha.

95 Kandi "Hazaba Umucyo, [kandi] kuri uwo munsi igihe Umwana w'Umuntu azahishurwa". Niba ibyo atari Yesu Kirisito Uhora Ari uko Yari ari ejo, uyu munsi n'iteka ryose, ubwo simbizi. Murabyizeye? Byose bishobokera abizera.

Noneho mwebwe muri kumva, mu gihugu ndetse na mwe muri uru rusengero, ni bangahe muri mwe bari buzamure ikiganza, bakavuga bati : "Ndi umwizera?" Noneho, mwebwe aho mu gihugu, aha umuntu wese yazamuye ibiganza. N'aho, ahantu runaka mu gihugu hose, mugomba nta gushidikanya kuba mwazamuye ibiganza. Noneho, mufunge amaso yanyu, murambike gusa ikiganza cyanyu ku muntu iruhande rwanyu. Mufate ibiganza byabo. Mukirambike ku rutugu rwabo. Narambitse ibiganza byanjye ku

miswaro. Murebe ibyakozwe uyu munsi! Murebe ibikozwe ubu.

Twitegereza mu maso He hera

Haka urukundo rw'Imana;

Abahawe umugisha n'Ubuntu Bwe,

Kugira ngo tumurike nk'ubwiza bw'ikamba Rye.

Noneho musenge. Dusenge, hose.

96 Mana mukunzi mwiza, isaha irageze. Ibi bisobanuye iki? Imana isohoza Ijambo Ryayo! Uku gukurura ni ukuhe, Mwami? Ni Imana isohoza Ijambo Ryayo. Ibi bisobanuye iki, mu gihugu hose, mu bakoresha telefoni, bituma amajana y'abantu barambikanaho ibiganza, mu gihugu hose, uruhande rumwe ku rundi, amajyaruguru ku majyepfo, iburasirazuba ku burengerazuba? Hari abantu aha baturuka mu bihugu byo hanze, muri leta nyinshi, Mexico, Canada, kandi twarambikanyeho ibiganza. Imana isohoza Ijambo Ryayo!

Bishoka gute ko umuntu ashobora guhagarara aha kandi ku bw'Umwuka Wera, agahamagara umuntu nk'uko Yahamagaye Simoni Petero ati : "Izina ryawe ni Simon, uri umuhungu wa Yonasi?"

"Genda ushake umugabo wawe, uze aha".

"Simfite umugabo".

"Ni byo. Ufite batanu".

Aravuga ati : "Nzi ko Mesiya azaza agakora ibi, ariko Wowe, uri nde?"

Arasubiza ati : "Ndiwe".

97 Kandi uko Wari Uri ejo, ni ko Uri uyu munsi n'iteka ryose. Kandi Warasezeranyije uti : "Imirimo nkora, na mwe muzayikora. Muzanakora iyirenze iyi kuko njyiye kwa Data". "Kandi, dore, mu minsi ya nyuma, nzabohererereza Eliya, umuhanuzi, kandi azahindura ibitekerezo by'abantu, azagarura imitima y'abana ku Nyigisho y'intumwa ya Bibiliya". "Kandi hazabaho Umucyo mu gihe cya nimugoroba".

Turebe, Mana ikomeye yo mu Ijuru! Isaha irageze. Ibiganza biri ku bantu.

Satani, uratsinzwe. Uri umubeshyi. Kandi nk'umukozi w'Imana, kandi nk'abakozi, dutegetse ko mu Izina rya Yesu Kirisito wubaha Ijambo ry'Imana kandi ugasohoka muri ab'abantu, kuko handitswe ngo : "Mu Izina Ryanjye, bazirukana amadayimoni".

Kandi reka abantu bose babohoke. Bitange, Mana mukunzi mwiza. Uri Imana yo mu ijuru, kuri uriya munsi hamwe no gukurura ku Musozi Karuvari, wanesheje indwara zose, imibabaro n'imirimo yose y'umubi. Uri Imana. Kandi abantu bakijijwe n'imibyimba yawe. Barabohotse. Mu Izina rya Yesu Kirisito. Amina.

98 O Mana, buri muswaro urambitse aha, mu gihe Umwuka w'Imana uhari, mu gihe gusigwa kwa Yesu Kirisito kuri ku bantu, kandi ibimenyetso bikomeye Yasezeranye bikaba biri gusohora, kandi isi ikaba iri gutingita, imitingito y'isi iraba, ib'ibimenyetso bikomeye Yavuze, kandi Ibyanditswe birasohore n'Umucyo wo ku mugoroba uramuritse. . . ndambitse umubiri wanjye kuri iy'imiswaro ihagarariye uy'umubiri wose w'abizera b'i Burasirazuba, i Burengerazuba, Amajyaruguru n'Amajyepfo, kandi ndabwira Satani nti : Mu Izina rya Yesu Kirisito, va kuri buri murwayi ibi bizarambikwaho, ku bw'icyubahiro n'ikuzo by'Ijambo ry'Imana. Mu Izina ry'Ijambo ry'Imana, Yesu Kirisito w'i Nazareth. Amina.

99 Noneho, dutuje, mu buryo bwumvikana, mu guca bugufi, ndetse no kumva kwanyu kwiza, nk'abizera, mwizeye noneho kandi mwakiriye gukira kwanyu kuvuye ku Mana Ishobora byose mu Izina rya Yesu Kirisito? Niba ari byo, muzamure ibiganza byanyu. Mwese, mu gihugu, muzamure ibiganza byanyu. Buri muntu aha, kure nta shobora kubona, yazamuye ibiganza bye; imbere, inyuma, ku madirishya, ku nzujyi, aho barerera abana, n'ahandi ku mpande zose, ahantu hose, abantu bazamuye ibiganza byabo. Baramwakiriye. Satani aratsinzwe! Imibyimba ya Yesu Kirisito irabakijije kandi ubwiza bwa Yesu Kirisito bugaragaje ko Ari muzima uyu munsi, ko buri munsi Afite ubushobozi bwo gusohoza buri sezerano Yatanze. Amina! Ndabyizeye. Na mwe?

100 Noneho, duhaguruke. Mu Izina ry'Umwami Yesu, mu kwemera ibyakozwe cyangwa ibyavuzwe byose, tuba tumukunze n'umutima wacu wose. Tumukundisha ibintu byose biri muri twe. Noneho, nimutaha mu ngo zanyu zitandukanye, uyu mugoroba, Imana ibaherecyeze. Imana ibahe Umwuka Wera niba mudafite Umwuka Wera.

101 Ku mugabo wese, umugore, umuhungu, cyangwa umukobwa, aha, utariwabatizwa mu Izina rya Yesu Kirisito, hari imyenda. Ntimushyire ejo igishobora gukorwa uyu munsi. Ejo hazaza birashoboka ko ari ugucyererwa cyane. Buri munsi ujyana n'ibyawo. Hari abakozi bahagaze hariya, bategereje, imyenda

irategereje. Nta mpamvu y'urwitwazo. Murategereje? Niba ari byo, mwizere. Uko mwaba mwarabatijwe kose, mwaratonyangirijweho amazi, mwarasutsweho amazi, icyaricyo cyose, ni ukwibeshya. Umucyo waraje. Muze, mubatizwe.

Mwe mwese mudafite Umwuka Wera, mushobora kwakira Umwuka Wera, buri umwe muri mwe, mu mbaraga zose z'Imana no mu rukundo rwose rw'Imana nk'uko Yabibasezeranyije kugira ngo abagire icyaremwe gishya muri We. Imana ibahe umugisha.

102 Tuzongere tubonane, icyumweru gitaha mu gitondo, saa tatu n'igice. Turirimbe iy'indirimbo nto tumenyereye kuririmba, hashize imyaka :

Ntimwibagirwe isengesho mu muryango

Yesu arashaka kuhabasanga;

Azafata buri kimwe mu bibazo byanyu

Ntimwibagirwe isengesho mu muryango.

Tuyiririmbane ubu :

Ntimwibagirwe isengesho mu muryango

Yesu arashaka kuhabasanga;

Azafata buri kimwe mu bibazo byanyu;

Ntimwibagirwe isengesho mu muryango.

Noneho, mugihe turi kuyiririmba na none, mufate ikiganza cy'umugenzi uri iruhande rwanyu, murabona, mu gihe turi kuririmba.

Ntimwibagirwe isengesho mu muryango

Oh, Yesu arashaka kuhabasanga,

Azafata buri kimwe mu bibazo byanyu

Oh, ntimwibagirwe isengesho mu muryango.

103 Ntimumukunda? Ndamukunda. Ndamukunda kuko Yabanje kunkunda kandi akamfatira agakiza (Ni ko kwari ugukurura) ku Musozi Karuvari. Ni ko gukurura ku Musozi Sunset, Umusozi Nebo, Umusozi Sinayi, ibikorwa byose bitandukanye ku dusongero tw'imisozi. Noneho, byiza cyane, tuyiririmbe noneho :

Ndamukunda, ndamukunda

Kuko Yabanje kunkunda

Kandi agafata agakiza kanjye

Ku giti cy'i Karuvari.

Abamukunda bose bavuge bati : “Amina”. [Iteraniro riravuga riti : “Amina”. - N.D.E.] Bimere bityo! Noneho, mutecyereze gusa ku byo Yabakoreye. Mutecyereze ko mwakabaye muri aho mu kabari uyu mugoroba. Mwakabaye wenda muri mu gituro nk'uko nanjye nakabaye ndi mo iyo bitaba imbabazi z'Imana. Ni iki Yakoze ku bwacu? Oh, ni gute dushobora kwibuza kumukunda? Ibyaba bivugwa byose, Aza mbere ya byose!

104 Duhumirize kandi twubike imitwe yacu mu gihe turi kuyimuririmbira ubu. Akunda indirimbo, muririmbe indirimbo zo guhimbaza Imana. Tuyimuririmbire, ubu :

Ndamukunda, ndamukunda

Kuko Yabanje kunkunda.

Kandi agafata agakiza kanjye

Ku giti cy'i Karuvari.

Imitwe n'imitima byacu biciye bugufi imbere Ye, turashima kubyo amaso yacu yabonye, kubyo amatwi yacu yumvise, kubiri mu Ijambo ry'Imana, kubyo isezerano Rye ryatubereye uyu munsi. Imana ibahe umugisha.

105 Dufite umutumire uyu mugoroba, mwene Data, Ned Iverson, wahoze ari umukozi mu

baperesebiteriyene. Ise, bene se ni abakozi mu baperesebiteriyene. We, kubijyanye n'uko mbyumva, yongeye kubatizwa bushya uyu munsi, mu Izina rya Yesu Kirisito Ni umukozi kandi mwiza. Noneho, ngiye kumusaba, kuko nizeye ko ari umukozi w'Imana, gusaba imigisha y'Imana ku bw'ir'iteraniro, mu gihe mu subiye mu rugo.

Mwene Data Iverson, mwigire imbere mu gihe twubitse imitwe yacu mu gusenga. Imana ibahe umugisha, mwene Data.

MESSAGE hub online
www.messagehub.info

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7